Form: 003

# REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI

KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE IBARURA

**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBARURISHAMIBARE MU RWANDA**
P.O. Box 6139 Kigali. Tel.: (+250)252571035
Fax: (+250)252570705
E-mail:info@statistics.gov.rw

## IBARURA RUSANGE RYA KANE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE (16-30 KANAMA 2012)

# AGATABO K'AMABWIRIZA Y'UMUKARANI W'IBARURA

Kanama, 2012

Form: 003

# REPUBULIKA Y'U RWANDA

MINISITERI Y'IMARI N'IGENAMIGAMBI

KOMISIYO Y'IGIHUGU ISHINZWE IBARURA


**IKIGO CY'IGIHUGU GISHINZWE IBARURISHAMIBARE MU RWANDA**
P.O. Box 6139 Kigali. Tel.: (+250)252571035
Fax: (+250)252570705
E-mail:info@statistics.gov.rw


**IBARURA RUSANGE RYA KANE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE**
**(16-30 KANAMA 2012)**

# AGATABO K'AMABWIRIZA Y'UMUKARANI W'IBARURA

Kanama, 2012

## IBIRIMO


**IRIBURIRO 4**

**UMUTWE WA MBERE: INTEGO , AMATEGEKO AGENGA IRI BARURA RUSANGE N'IMITUNGANYIRIZE YARYO 4**

1.1.1 INTEGO RUSANGE 4

1.2. AMATEGEKO AZAKURIKIZWA 5

1.3. IMITUNGANYIRIZE RUSANGE Y'IBARURA 5

1.4. IMITUNGANYIRIZE Y'IBARURA MURI BURI GACE K'IGIHUGU 6

1.5. ISHUSHO MBONERA Y'IMIRIMO Y'IBARURA 7

**UMUTWE WA KABIRI: GUSOBANURA AMAGAMBO Y'IBANZE AZAKORESHWA 8**

2.1. IBARURA RUSANGE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE NI IKI? 8

2.2. INZU 8

2.3. URUGO RUSANZWE 8

2.4. IBIGO BITUWE 8

2.5. INGO ZISANZWE ARIKO ZIKABA ZIRI IMBERE MU BIGO BITUWE 9

2.6. NYIR'URUGO 9

2.7. IJORO RY'IBARURA 9

2.8. IBINDI BYICIRO BYIHARIYE BIZABARURWA 11

**UMUTWE WA GATATU: AMABWIRIZA RUSANGE 12**

3.1. INSHINGANO Z'UMUKARANI W'IBARURA 12

3.2. IMYITWARIRE Y'UMUKARANI W'IBARURA 12

3.3: IBIKORESHO BY'UMUKARANI W'IBARURA 13

3.4.IMBIBI Z'AGAPANDE K'IBARURA N'UKO IKARITA Y'AGAPANDE K'IBARURA IKORESHWA 13

3.4.2.Kumenya gusoma ikarita 14

3.4.2.1.Gusoma ikarita y' agapandek'ibarura 14

**UMUTWE WA KANE: KUBARURA INGO NO GUSHYIRA I NIMERO KU MAZU NO KU NGO 17**

4.1. GUSHYIRA INIMERO KU MAZU NO KU NGO 17

4.2. KWANDIKA AMAZU N'I NGO 17

4.3. URUGO RUSANZWE 17

4.3.1. Inzu ituwe n'urugo rumwe: 17

4.3.2. Inzu imwe ituwe n'ingo nyinshi: 17

4.3.3. Inzu nyinshi zituwe n'urugo rumwe 18

4.3.4. Inzu nyinshi zituwe n'ingo nyinshi 19

4.3.5 Uburyo bwo gushyira nimero ku bigo bituwe 19

**UMUTWE WA GATANU: UBURYO BWO KUZUZA INTONDE Z'IBIBAZWA MU IBARURA 22**

5.1.1 KWIMENYEKANISHA 22

5.2. UBWOKO BW'INTONDE Z'IBIBAZWA 22

5.2.1.Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ingo zisanzwe 22

5.2.2.Urutonde rw'ibibazwa mu bigo bituwe 23

5.3. KUZUZA INTONDE Z'IBIBAZWA 23

5.3.1. IGIKA L: Aho urugo ruherereye n'ibiruranga 23

5.3.2. IGIKA S: Kuzuza Imbonerahamwe y'Urugo 26

5.3.3. IGIKA P: Imiterere ya buri muntu uri mu rugo 28

5.3.4. IGIKA P: Ibibazo bireba Abatuye urugo n'abaraye mu rugo 30

5.3.5.Kuzuza ibibazo bijyanye n' imiturire 49

5.3.6. IGIKA M: ABAPFUYE 54

**IMIGEREKA 56**

## IRIBURIRO

Ibarura Rusange rya kane ry'Abaturage n'Imiturire, kimwe n'andi yaribanjirije mu 1978, 1991 na 2002, rigamije kwerekana ibipimo ngenderwaho mu biranga imiterere, ubukungu n'imibereho y'abaturage.

Ni muri urwo rwego hakenewe ubumenyi buhagije mu bijyanye n'ubukungu, imibereho y'abaturage ndetse n'amakuru nyayo aboneka mu nzego z'ubuyobozi zitandukanye mu byerekeranye n'ibikorwa remezo. Urugero: amazi meza, amashuri, amavuriro n'ibindi.... Ibi bikaba ari umusingi ngenderwaho mu gutegura no gushyira mu bikorwa igenamigambi rirambye rya gahunda y'amajyambere.

Imibare y'ingenzi izava mu ibarura rusange rya kane izatangarizwa inzego za leta zitandukanye, abafatanyabikorwa mu iterambere, imiryango itegamiye kuri leta n'Abashakashatsi mu nzego zinyuranye.

Ni muri urwo rwego Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda gitegura kandi kizashyira mu bikorwa Ibarura Rusange rya kane ry'Abaturage n'Imiturire mu kwezi kwa kanama 2012.

## UMUTWE WA MBERE: INTEGO , AMATEGEKO AGENGA IRI BARURA RUSANGE N'IMITUNGANYIRIZE YARYO

### 1. 1 INTEGO

***1.1.1 Intego rusange:***

- Kurushaho kumenya ibiranga imiterere, ubukungu n'imibereho y'abaturage.
- Gufasha kumvikanisha isano hagati y'imibereho y'abaturage n'iterambere.
- Kubaka Ubushobozi bw'abakozi b'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare mu Rwanda.

***1.1.2. Intego zihariye:***

- Kumenya umubare w'abaturarwanda bose muri buri Ntara, Akarere, Umurenge, Akagari n'Umudugudu n'uburyo batuye mu gice cy'Icyaro n'Umugi.
- Kugaragaza igipimo cy'uburumbuke, abapfa, abimuka n'ubwiyongere bw'abaturage muri rusange.
- Gutanga ibipimo ngenderwaho bizafasha mu gukora ubuvugizi bw'ibyiciro byihariye by'abaturage: abagore, abana, urubyiruko, abageze mu zabukuru n'ababana n'ubumuga.
- Kugaragaza ibiranga imiturire n'imiterere y'amazu atuwe n'imibereho myiza y'abaturage bikazafasha kugaragaza ibipimo by'ubukene mu gihugu.

- Kwerekana ikigereranyo cy'imibare y'abantu bazaba batuye u Rwanda mu myaka iri imbere no kuvugurura imibare fatizo yagenderwaho mu yandi mabarura azakorwa nyuma y'iri.
- Kuvugurura imibare fatizo ngenderwaho mu buyobozi bunyuranye kugirango bifashe gahunda za leta kugera ku nzego zose z'ibanze.
- Kugaragaza imbibi nshya z'inzego zose z'ubuyobozi mu gihugu.
- Kuvugurura lisiti n'amakarita y'udupande tw'ibarura tuzajya twifashishwa mu bundi bushakashatsi.
- Guteza imbere imikoreshereze y'imibare izava mu ibarura ku rwego rw'Igihugu no ku nzego z'ibanze mu gukora ikurikiranabikorwa n'igenzura bya gahunda z'iterambere.

## 1.2. AMATEGEKO AZAKURIKIZWA

Iri barura rishyirwaho n'Iteka rya Perezida rigenga IBARURA RUSANGE RYA KANE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE ryasohotse mu Igazeti ya **Leta no 09 yo kuwa 28/02/2011.** Ingingo yaryo ya 13 ivuga ko abarebwa n'Ibarura Rusange rya kane ari abantu bose batuye mu Rwanda mu gihe cy'Ijoro ry'ibarura, baba ari abanyarwanda cyangwa abanyamahanga.

Buri muturage ategetswe kwakira neza umukarani w'ibarura maze akamuha ibisubizo by'ukuri ku bibazo byateganyijwe. Uwanze gusubiza cyangwa agasubiza ibinyoma azahanishwa ibihano biteganyijwe mu ngingo **ya 27 y'Itegeko Ngenga n° 01/2005 ryo ku wa 14/02/2005 rigena imiterere y'imirimo y'ibarurishamibare mu Rwanda.**

Ingingo yaryo ya 21 nayo isobanura igira iti: «ibisubizo bireba abantu ku giti cyabo nk'uko bigaragara ku rutonde rw'ibibazo by'ibarura kandi byerekeranye n'ubuzima bwite bw'umuntu cyangwa se ibikorwa ndetse n'imibereho bwite ya buri muntu, nta na rimwe bishobora kugira abandi bimenyeshwa, biturutse k'uwo byabwiwe cyangwa se ubibitse ku kazi».

## 1.3. IMITUNGANYIRIZE RUSANGE Y'IBARURA

Komisiyo y'Igihugu y'Ibarura ni rwo rwego rukuru rw'Ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire mu Rwanda.

**Umukarani w'ibarura (Enumerator):** ashinzwe kubarura abaturage bose batuye agapande k'ibarura (Enumeration area) agenewe gukora.

**Umugenzuzi w'udupande tw'ibarura (Team Supervisor):** Ashinzwe gukurikirana imirimo y'ibarura mu dupande tw'ibarura turi mu kagari. Iyo udupande tw'ibarura turenze dutandatu mu kagari bagabanyamo kabiri hakajyamo abagenzuzi 2 b'udupande

tw'ibarura, twarenga 12 hakajyamo abagenzuzi 3.

**Umugenzuzi w'Ibarura ku rwego rw'Umurenge (Sector Supervisor):** ashinzwe gukurikirana ibikorwa by'ibarura ku rwego rw'umurenge, kandi agakorana na komite ishinzwe ibarura ku karere.

**Umugenzuzi w'Ibarura ku rwego rw'Agace k'igenzura (Zone Controller):** Ashinzwe gukurikirana ibikorwa by'ibarura mu mirenge irenze umwe yashyizwe hamwe kugirango byorohere uhagenzura, kandi anakorana na komosiyo y'ibarura yo ku rwego rwa Karere.

**Umugenzuzi w'Ibarura ku rwego rw'Akarere (District Coordinator):** ashinzwe gukurikirana ibikorwa by'ibarura mu Karere (District) akanakorana na Komosiyo y'Ibarura mu Karere.

**Umugenzuzi w'ibarura ku rwego rw'Intara (Province Coordinator):** ashinzwe gukurikirana ibikorwa by'ibarura ku rwego rw'Intara akanakorana na Komosiyo y'Ibarura mu Ntara.

**Umuhuzabikorwa w'ibarura ku rwego rw'Igihugu (National Coordinator):** ashinzwe gukurikirana ibikorwa by'ibarura ku rwego rw'Igihugu.


### 1.4. IMITUNGANYIRIZE Y'IBARURA MURI BURI GACE K'IGIHUGU

Repubulika y'u Rwanda igabanyijemo intara 5 harimo n'umujyi wa Kigali. Intara nazo zigizwe n'uturere 30 natwo tugabanyijemo imirenge 416. Imirenge igizwe n'utugari 2148, Utugari natwo tukaba tugizwe n'imidugudu 14837.

Umudugudu niwo uzaba agapande k'ibarura (EA). Buri gapande kazaba kagizwe n'Ingo (Households) zitarenze 200, ni ukuvuga abaturage bagera ku 1000.

**Icyitonderwa:** Ahari umudugudu ufite ingo zirenze 200 ni ukuvuga abaturage barenze 1000, uwo mudugudu ugabanywamo udupande tw'ibarura turenze kamwe.

**1.5. ISHUSHO MBONERA Y'IMIRIMO Y'IBARURA**



# UMUTWE WA KABIRI: GUSOBANURA AMAGAMBO Y'IBANZE AZAKORESHWA

## 2.1. IBARURA RUSANGE RY'ABATURAGE N'IMITURIRE NI IKI?

Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ni imirimo ijyana no kwegeranya, gusesengura no gutangaza imibare y' ibyavuye mu ibarura yerekeye ingano n'imiterere y'abaturage b'igihugu cyose na bimwe mu biranga imibereho n'ubukungu byabo. Rituma kandi haboneka n'imibare yerekeye imiterere y'amazu atuwe n'imiturire ndetse rigaragaza n'imbibi nyir'izina za buri gace k'ubuyobozi mu gihugu cyose.

## 2.2 INZU

Mu ibarura, inzu ifatwa nk'inyubako yagenewe guturwamo cyangwa se gukorerwamo imirimo inyuranye nk'ubucuruzi, ubuvuzi, urusengero n'ibindi hatitawe ku buryo yubatsemo.

***Urugero : butiki/iduka, igorofa, igipangu***

## 2.3 URUGO RUSANZWE

Ni abantu babana baba bafitanye isano cyangwa se ntayo, bose bategekwa na Nyir'Urugo ari nawe mutware kandi bagasangira ibirebana n'urugo byose. Kenshi baba barara mu nzu imwe cyangwa mu gipangu kimwe bafatira amafunguro hamwe.

Urugo rushobora kuba rugizwe n'umuntu umwe. Icyo gihe ni nawe nyir'Urugo. Byumvikane neza ko urugo rutagizwe gusa n'umugabo n'umugore n'abana babo cyangwa se icyo dukunze kwita Umuryango.

Abakozi bo mu rugo n'abandi bakora hanze (ababoyi, abanyezamu n'abandi bakozi) basangira ifunguro n'indaro no kwa shebuja, abo babarirwa mu rugo rwe.

## 2.4 IBIGO BITUWE

Ni abantu badafitanye isano babana kubera impamvu zinyuranye bahuriyeho nk'umurimo, idini, amasomo, ubugororwa n'ibindi. Muri ibyo bigo bituwe twavugamo:

- Ibigo bya gisirikari na polisi, dukunda kwita inkambi za gisirikare (Camps) ;
- Ibigo by'amashuli acumbikira abana batagira ahandi baba no mu gihe cy'ibiruhuko, amacumbi rusange (homes);
- Ibigo by'ubukerarugendo nka za Hoteri, hagomba kumenywa ababirayemo n'abakozi babicumbikiwemo (Habarurwa abakozi b'ikigo bacumbikiwemo) ;
- Ibigo by'amavuliro byose (Ibya Leta, ibya misiyoni, iby'abigenga,...) : hagomba kumenyekana neza abarwayi batunzwe n'ibitaro babirayemo mu ijoro ry'ibarura
- Ibigo by'imiryango y'abihaye Imana;
- Gereza (abantu bafunze ntibazabarurwa mu miryango yabo bazabarurirwa muri gereza);
- Ibigo ngororamuco (ibyakira abana bo mu muhanda);

- Ibigo by'impfubyi, abafite ubumuga;
- Ibigo byose bituwe n'abantu babaho mu buryo busa na buriya tumaze kuvuga.

## 2.5. INGO ZISANZWE ARIKO ZIKABA ZIRI IMBERE MU BIGO BITUWE

Mu bigo bituwe iyo hari urugo rwihariye kandi rwihagije muri byose (gusangira amafunguro, kuryama) barubarura nk'urugo rusanzwe. Abo ni babandi bahabwa icumbi ry'akazi hagati mu kigo. Abasirikari cyangwa abandi bashinzwe umutekano batuye hamwe n'imiryango yabo cyangwa bonyine mu mazu atandukanye, abo bafatwa nk'ingo zisanzwe (Private households).

**Urugero:**

Mu kigo cya gisirikare cy'i Kanombe, usangamo abasirikari baba muri icyo kigo banumvira amategeko yacyo, ariko harimo n'amazu yagenewe ingo z'abasirikare bakuru muri icyo Kigo bashobora gukora n'indi mirimo nk'abaganga.

**Ibigo bituwe bizamenyekana gute?**

Mu gihe cyo kumenya imbibi z'agapande k'ibarura, umukarani w'ibarura afatanyije n'umugenzuzi w'udupande tw'ibarura azakora urutonde rw'ibigo bituwe biri muri ako gapande k'ibarura yifashishije urutonde rw'ibigo bituwe rwatanzwe na Komisiyo y'Ibarura ku rwego rw'Akarere.

**Icyitonderwa:** Ibigo bituwe bya gisirikare, polisi cyangwa biriya by'abagororwa, bigomba kubarurwa n'ababikoramo (abasirikare, abapolisi n'abakozi bo mu magereza) bazaba babihuguriwe.

## 2.6 NYIR'URUGO

Nyir'urugo, muri rusange ni wawundi ucunga umutungo w'urugo, akenshi aba aruta ubukuru abari mu rugo kandi niwe ufata ibyemezo bijyanye n'imibereho y'urugo muri rusange; ni nawe ubazwa ibyerekeye urugo. Ashobora kuba umugabo cyangwa se umugore, yemwe n'umwana mukuru mu gihe urugo rutuwe n'abana gusa. Muri iri barura, hazitwa nyir'urugo umuntu wiyita atyo kandi bigaragara ko abo babana bamwemera nka nyir'urugo.

## 2.7. IJORO RY'IBARURA

Ni ijoro ryo ku wa 15 rishyira uwa 16 Kanama 2012. Ni ukuvuga ko amakuru yose abazwa muri iriya minsi 15 y'ibarura afatiye kuri iri joro. Iyaba byashobokaga, abantu bose babarurwa kuya 16 mu gihugu hose ariko abaturage bazaba babikanguriwe bihagije kugira ngo amakuru yose azabe afatiye kuri iri joro ry'ibarura.

Ibyiciro by'ingenzi by'abantu babarurwa muri buri rugo ni:

1. Abaharaye (**PR**) : Abantu basanzwe baba mu rugo kandi baharaye mu ijoro ry'ibarura;
2. Abataharaye(**AR**) : Abantu basanzwe baba mu rugo ariko bataharaye mu ijoro ry'ibarura;
3. Abashyitsi(**VIS**): abantu barayе mu rugo mu ijoro ry'ibarura ariko badasanzwe batuye muri urwo rugo. Bagomba kuba kandi nta gahunda bafite yo kuzaguma muri urwo rugo mu gihe kirenze amezi atandatu.

► ***Abasanzwe baba mu rugo kandi baharaye mu ijoro ryo kuwa 15-16/08/2012 (PR)***

Umuntu bamubarura nk'uwaraye mu rugo (**PR**), iyo aba kandi amaze amezi 6 ahantu yabaruriwe kandi yaraharaye mu ijoro ry'ibarura (15-16/08/2012).

Kiriya gihe cy'amezi 6 nicyo baheraho kenshi iyo bandika uburyo umuntu atuye ariko siko iteka bimera. Kuko hariho abantu bashobora kuba bataramara amezi 6 ariko bakaba bafite umugambi wo kuhihamira, abo kandi bakaba batarabarurwa AR ahandi hantu.

**Ingero:**

- Umugore umaze igihe gito ashyingiwe, uwo bamubarura nk'uwaharaye mu rugo rwe rushya (**PR**).
- Umukozi (wa Leta) umaze kwimurirwa arikumwe n'umuryango we aha n'aha, uwo ni PR hahandi mu icumbi rye rishya.
- Umuntu umaze iminsi ahinduye aho yabaga, wenyine cyangwa ari kumwe n'abe, akaba ariko ashaka kwigumira aho ngaho yimukiye abitewe n'impamvu, ubwo abarurwa aho ngaho nk'uwaharaye (**PR**).
- Hari n'abandi babarurwa nk'abaharaye (**PR**) kandi batararaye iwabo mu ijoro ry'ibarura kubera impamvu z'akazi gakorwa nijoro cyangwa izindi.

Twavuga nk'aba bakurikira :

- Abaganga bari ku izamu;
- Abazamu (abararizi)
- Abaraye mu rubyiniro(night club) cyangwa mu masengesho;
- Abakozi ba nijoro mu bigo bimwe na bimwe;
- Umusirikare waraye mu kigo cyangwa ku kazi ariko asanzwe aba hanze y'ikigo.
- Abarobyi…

► ***Abasanzwe baba mu rugo ariko bataharaye mu ijoro ryo kuwa 15-16/08/2012 (AR)***

Utaharaye (**AR**) ni umuntu usanzwe aba aho agomba kubarurirwa ariko ataharaye mu ijoro ry'ibarura. Uwo muntu ashobora kuba yaragiye ariko hatarashira amezi 6.

Niba arengeje ayo mezi, umuntu afatwa nk'aho ari PR hariya yigiriye kuko ariho honyine

abarizwa. Umuntu ashobora  kuba atari iwe cyangwa iwabo kubera impamvu nyinshi zitandukanye, nko :

1. Kwivuza: Abarwayi, abarwaza;
2. Kuba mu ngendo z'akazi cyangwa ubucuruzi;
3. Gusura inshuti n'abavandimwe;
4. Gukora akazi cyangwa umwuga; abiyemeje guhora bagenda mu kazi kabo;
5. Ubukerarugendo;
6. Kwiga:abanyeshuli bacumbikiwe mu bigo batatashye mu biruhuko kubera impavu zitandukanye (gutegura ibizamini bya Leta);
7. Abantu bari mu ngando.

Kuri bene izo ngero zitandukanye, umukarani w'ibarura iyo amaze gusiganuza neza ku muntu bireba, agomba guhita amubarura nk'usanzwe ahaba ariko atabaraye (**AR**), imbere y'umwanya wabigenewe ku rupapuro.

**Icyitonderwa:** Umukarani agomba kumenya neza impamvu atabaraye (Urugero: nk'umuntu washyingiwe: ashobora kubarurwa nka AR aho yaratuye mbere, aho yashyingiwe bakamubara nka PR bityo akaba abaruwe kabiri).

.

► ***Abashyitsi cyangwa VIS***

Abo ni abantu baraye mu rugo mu ijoro ry'ibarura ariko ubundi batahatuye, kubera ko basanzwe batuye ahandi. Babarurwa nk'abashyitsi iyo batarageza ku mezi 6 muri urwo rugo; iyo bayarengeje, babarurwa nk'ababa mu rugo kandi baharaye.

**2.8 IBINDI BYICIRO BYIHARIYE BIZABARURWA:**

- **Abahagarariye ibihugu byabo cyangwa imiryango mpuzamahanga mu Rwanda** babarurwa biciye muri Ministeri y'Ububanyi n'Amahanga n'ubutwererane.
- **Abahagarariye u Rwanda mu mahanga** kandi baba mu mahanga, bazabarurwa hifashishijwe Minisiteri y'ububanyi n'amahanga n'ubutwererane.
- **Abanyeshuri biga mu mahanga** babarurirwa mu miryango yabo yo mu Rwanda hatitawe ku gihe bamazeyo (**AR**).
- **Abakozi bakora mu mahanga** (ba bandi bagenda bagaruka hadashize igihe), bazabarurirwa mu miryango yabo yo mu Rwanda hatitawe ku gihe bagendeye (**AR**).
- **Abanyeshuri b'abanyamahanga** biga mu Rwanda bazabarurwa nk'abandi baturarwanda.
- **Abazaba bari mu butumwa bw'akazi** hanze y'igihugu (official missions) bazabarurwa nk'abasanzwe baba mu rugo batabaraye (**AR**).
- **Abantu batagira aho baba** cyangwa **bibera mu mihanda** cyane cyane mu mijyi nka Kigali; amabwiriza y'umwihariko yerekana uburyo abo bantu bazabarurwa yarateguwe.

# UMUTWE WA GATATU: AMABWIRIZA RUSANGE

## 3.1. INSHINGANO Z'UMUKARANI W'IBARURA

Inshingano z'ingenzi z'umukarani w'ibarura ni izi zikurikira:

- Kumenya imbibi z'agapande ke k'ibarura yifashishije ikarita aba yahawe;
- Kwandika amazu n'ingo biri mu gapande ke k'ibarura;
- Kumenya gutandukanya ingo zisanzwe n'ibigo bituwe;
- Kugenzura buri gitondo niba ibikoresho bye byuzuye;
- Kugera mu ngo zose agakora uko ashoboye ngo abone amakuru nyayo kandi akayuzuza neza ku rutonde rw'ibibazwa;
- Gushyira akamenyetso (√ ) kerekana ko yamaze kubarura urwo rugo ahanditse nomero y'urugo ku nzu;
- Kugenzura intonde z'ibibazwa yamaze kuzuza ngo arebe ko nta bibazo yasimbutse cyangwa yujuje nabi. Ibyo azaba yasimbutse, arasabwa gusubira muri rwa rugo akabibaza, ibyo yujuje nabi, agakosora;
- Kugenzura niba ibyo yasimbutse cyangwa yujuje nabi byakosowe;
- Kuzuza ahabugenewe kuri buri rutonde rw'ibibazo amazina ye na nimero ya telefone akoresha;
- Kugira imyitwarire myiza n'ikinyabupfura mu gapande ke k'ibarura;
- Kugira isuku no kwandika ibisomeka mu ntonde z'ibibazwa;
- Gukora buri gihe imbonerahamwe z'ingo zabaruwe hakuzuzwa ifishi zateganijwe;
- Gukosora buri gihe intonde z'ibibazwa akiri mu gapande k'ibarura yahawe;
- Gufata neza ibikoresho byose aba yahawe.

## 3.2. IMYITWARIRE Y'UMUKARANI W'IBARURA

Imigendekere myiza y'Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire ishingiye ahanini ku myitwarire y'abakarani b'ibarura. Kubera iyo mpamvu umukarani w'ibarura agomba kurangwa n'imyitwarire myiza ikurikira:

- Umukarani w'ibarura ni we wenyine ubaza ibibazo biteganijwe, agomba rero kwitwara neza imbere y'uwo yagendereye akamwitondera, ndetse akagerageza no kumusobanurira bimwe na bimwe mu birebana n'akazi yaje gukora ;
- Agomba kubahiriza umuco, imigenzereze, idini n'ukwemera kwa buri muntu ;
- Umukarani w'ibarura iteka agomba kuba yambaye ikarita y'akazi igihe cyose ari mu kazi.
- Umukarani w'ibarura agomba kwiyoroshya, guca bugufi;
- Iyo hari ubazwa wanze gutanga ibisubizo, hitabazwa abayobozi b'inzego z'ibanze kugira ngo amategeko yubahirizwe ;
- Asabwe kudata umwanya mu bibazo bitajyanye n'ibarura ;
- Ategetswe kuterekana cyangwa kudatangazwa n'ibisubizo aba ahawe ;
- Ategetswe kugira ibanga ry'ibisubizo aba yahawe;

- Agomba kutandarika intonde z'ibibazwa aho abonye hose ngo zidasomwa n'abatabifitiye uburenganzira.

**3.3: IBIKORESHO BY'UMUKARANI W'IBARURA**

Nyuma y'amahugurwa, buri mukarani w'ibarura agomba kujya mu gapande ke k'ibarura yitwaje ibi bikurikira:

- Ikarita y'agapande k'ibarura(EA) iriho n'ibirango,
- Intonde z'ibibazwa (Questionnaires),
- Agatabo k'amabwiriza y'Umukarani w'ibarura,
- Ikarita y'akazi (carte) iriho izina rya nyirayo n'ifoto,
- Ikaye itanditsemo,
- Ibikoresho byo kwandikisha (ikaramu y'igiti, gomme, agasongora karamu, ikaramu y'ubururu, marqueur, ingwa)
- Uruhago rwo gutwaramo ibikoresho
- Lisiti y'udupande tw'ibarura;
- Ifishi yuzuzwaho ingo ziri mu gapande k'ibarura.

**3.4. IMBIBI Z'AGAPANDE K'IBARURA N'UKO IKARITA Y'AGAPANDE K'IBARURA IKORESHWA**

***3.4.1. Imbibi z'agapande k'ibarura***

Ikarita y'agapande k'ibarura iri mu bikoresho by'ingenzi buri mukarani w'Ibarura ahabwa. Iyo karita igaragaza imbibi z'agapande ashinzwe. Ahenshi, agapande k'ibarura gahwanye n'umudugudu (ni urwego rw'ubuyobozi rwegereye cyane abaturage). Mbere yo gutangira igikorwa icyo aricyo cyose mu gapande k'ibarura ke, umukarani w'ibarura arasabwa by'umwihariko, ibi bikurikira:

- Kugenzura neza ikarita y'agapande k'ibarura;
- Kwimenyekanisha ku buyobozi bw'ako gapande k'ibarura yoherejwemo.

Umukarani w'ibarura azenguruka agapande ke k'ibarura areba imbibi zako yifashishije ikarita yako gapande. Aramutse agize ibibazo yakwiyambaza umuyobozi cyangwa se umugenzuzi w'agapande k'ibarura ke. Niba ingo zigize agapande k'ibarura zitageze ku mubare w'ingo wateganyijwe kubarurwa n'umukarani umwe mu gihe cyose cy'ibarura, umukarani w'ibarura ahabwa akandi gapande k'ibarura byegeranye kugirango yuzuze umubare w'ingo agomba kubarura, ariko buri gapande kakabarurwa ukwako, cyangwa akoherezwa mu kandi gapande byegeranye gutanga ubufasha.

Umudugudu ushobora kugira udupande tw'ibarura turenze kamwe bitewe n'uko ungana. Ni ngombwa kumenya imbibi z'uwo mudugudu n'imbibi z'udupande tw'ibarura nyirizina tuwugize. Mu gihe imbibi zigize agapande ke zitagaragara neza kubera ingo zegeranye

cyangwa ibindi, umukarani w'ibarura aziyambaza umuyobozi w'umudugudu cyangwa undi wese mu bagize ubuyobozi bw'umudugudu aherekejwe n'umugenzuzi w'agapande k'ibarura kugirango basobanurirwe icyo bagenderaho mu kumenya imbibi. .

Akenshi imbibi zikunze kubaho ni nk'izi zikurikira:

- Umuhanda,
- Inzira cyangwa akayira;
- Umugezi cyangwa akagezi;
- Uruzitiro rw'ibihuru cyangwa ishyamba…

Amaze kumenya neza imbibi z'agapande ke, umukarani w'ibarura azagatambagira kose areba uko gateye kugirango bizamufashe gutegura umurimo wo gushyira nimero ku mazu no ku ngo zose.
Mu bisanzwe, agapande k'ibarura kagizwe n'ingo zitarenze 200 zishobora kuba zigize Umudugudu cyangwa igice cyawo.

### *3.4.2. Kumenya gusoma ikarita*

Umukarani w'Ibarura azahabwa ikarita igaragaza neza agapande ashinzwe kubarura. Ibyo bizasaba yuko amenya gusoma neza ikarita yahawe.

Ikarita ni igishushanyo mbonera cy'igice cy'ubutaka (isi) cyerekana ibintu biriho cyangwa ibihakorerwa.Hari ibintu byangombwa bikenewe kumenyekana ariko bidashobora kugaragara neza ku ikarita kubera ubunini cyangwa ubuto bwabyo. Niyo mpamvu hakoreshwa ibimenyetso byihariye bisobanura by'umwihariko ikarita.

#### *3.4.2.1. Gusoma ikarita y' agapandek'ibarura*

Ikarita iyo ariyo yose igomba kugira ibintu by'ingezi biyiranga. Muri byo twavuga: interuro, insiguro, insimburangano, ikirangacyerekezo. Ibyo biri mu bintu by'ibanze bifasha mu gusoma ikarita muri rusange.

Mu magambo ahinnye, ikarita y'agapande k'ibarura igizwe n'ibintu bikurikira byo kwitabwaho ku buryo bwihariye.

- Urubibi rw' agapande k'ibarura.
- Izindi mbibi z'agapande k' ibarura,
- Ibirango by'urubibi rw'agapande k'ibarura.
- Insiguro, ibirango by'agapande k'ibarura,

Ikarita y'agapande k'ibarura izakoreshwa mu ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire iri ku rupapuro rw'ibara ry'umweru rufite uburebure bwa mm 420 n'ubutambike bwa mm 297 (A3).

Ikarita y'agapande k'ibarura igabanyijemo ibice bitatu

Ahabanza hejuru mu ruhande rw'ibumoso hari ikiranga ntego cya Repubulika y' u Rwanda, Hagati hari interururo "Ikarita y' Agapande k' Ibarura" ku mpera iburyo hari ikirangantego cy' Ibarura rusange ryo muri 2012

Igice cya kabiri kigizwe n'ikarita nyirizina. Muri icyo gice hagaragara ifoto yafashwe n'icyogajuru (Satellite) igaragaza ku buryo butaziguye ibintu byose biri mu gace agapande k'ibarura kagaragaramo (imirima, amashyamba, amazu, imihanda, ibikombe, ibishanga, n'ibindi. Urubibi rw' agapande k'ibarura rugaragazwa n' akarongo k'umuhondo kazengurutse aho urubibi ruherereye kuri ya foto y' icyogajuru. Hagaragaraho kandi imbibi z'utundi dupande tw'ibarura mu ibara rijya gutukura (Orange). Hagati mu gapande k'ibarura handitsemo mu nyuguti z'umukara ziri mu ibara ry'umuhondo umudugudu agapande k' ibarura gaherereyemo, ndetse n'ibirango mu mibare by'agapande k'ibarurura. Hagati mu mbibi z'utundi dupande tw'ibarura hagaragaramo amazina y'imidugudu utwo dupande tw'ibarura duherereyemo ndetse n' ibirango byatwo mu nyuguti z'umukara ziri mu ibara rijya gutukura (orange). Imbibi z' agapande k' ibarura zigizwe ahaninini n'imihanda, imigezi, ibikombe, n' ibindi. Ariko hamwe nahamwe siko bimeze. Ku ikarita y'agapande k'ibarura hiyongeraho ibirango bishobora gufasha kumenya urububi rw' agapande k'ibarura. Muri byo hari:

- Ivomo
- Iteme
- Ipiloni, ipoto
- Impinga y'umusozi
- Urugo
- N'izondi nyubako
- Umurima
- Ishyamba

Ibyo bifasha umukarani w'ibarura kumenya igice cy agapande k'ibarura haherereyemo ndeste no kumenya ku buryo bwihuse aho urubibi ruherereye.

Igice cya gatatu kigizwe n'insiguro ndetse n'ibirango by'agapande k'ibarurura. Ibirango by' agapande k'ibarura bigizwe n' imibare icumi iranga buri rwego rw'imitegekere y' Igihugu kuva ku ntara kugeza ku mudugudu, ndetse n'amazina ya buri rwego agapande k'ibarura gaherereyemo. Urugero reba ku gishushanyo gikurikira.

**ENUMERATION AREA IDENTIFICATION**
**IBIRANGO BY'AGAPANDE K'IBARURA**

| | | | |
|---|---|---|---|
| Province/Intara: | East/Iburasirazuba | | 5 |
| District/Akarere: | Bugesera | | 7 |
| Sector/Umurenge: | Rilima | 1 | 2 |
| Cell/Akagari: | Karera | 0 | 2 |
| Village/Umudugudu: | Ruyenzi | 0 | 5 |
| EA Number/Agapande k'Ibarura: | 5712020501 | | |

Kuri iki gice kandi hagaragara insiguro. Insiguro ni urutonde rw'ibimenyetso byakoreshejwe mu kwerekana ibintu biri ku ikarita y'agapande k'ibarura. Mu ndimi z'amahanga insiguro bayita urufunguzo. Ni rwo rufunguzo rugufasha kumenya no gusobanukirwa ikarita. Ibi bishatse kuvuga ko iyo usoma ikarita, ubanza kureba ibimenyetso byakoreshejwe hanyuma ugashaka icyo ibyo bimenyetso bisobanura mu nsiguro.
Muri ikigice kandi harimo ikirango cyerekana icyerekezo. Amajayaruguru, amajyepfo, ibuasirazuba n'iburengerazuba.

**Icyitonderwa:** Umukarani w'Ibarura azazenguruka agapande ke k'Ibarura areba imbibi zako yifashishije ikarita y'ako gapande. Aramutse agize ibibazo yakwiyambaza umuyobozi cyangwa Umugenzuzi w'agapande k'Ibarura we. Mu gihe imbibi zigize agapande ke zitagaragara neza kubera ingo zegeranye cyangwa ibindi, aziyambaza ubuyobozi nk' umuyobozi w' umudugudu kugira ngo bisobanuke, n' Umugenzuzi w'agapande k'Ibarura azaba ahari.

**Kwerekeza neza ikarita:** Kugira ngo ibiri ku ikarita n'icyo byerekana bihure, ni ngombwa ko ikarita yerekezwa mu buryo nyabwo. Kugira ngo umukarani asome neza ikarita, agomba guhagarara ku buryo ukuboko kwe kw'iburyo kujya mu ruhande izuba rirasiramo naho ukw'ibumoso kukajya mu ruhande izuba rirengeramo. Ikarita azayifata mu buryo bukurikira;

- Igice kimwegereye kiba amajyepfo.
- Ahagana haguruguru ni amajyaruguru.
- Ahagana iburyo ni iburasirazuba.
- Ahagana ibumoso ni iburengerazuba.

Kwerekeza ikarita neza ni ugukora ku buryo izo mpande enye z'ikarita zihura n'iz'isi. Ni ngombwa ko ibimenyetso by'ikintu ku ikarita biba mu cyerekezo cy'ibyo byerekana; umuntu azengurutse ikarita kugeza ubwo ibyo byerekezo bihura. Iyo umuntu agenda nko mu muhanda, afata ikarita mu cyerekezo aganamo kugira ngo ashobore kubona ibintu byose biri ku ikarita. Hari ibintu bya ngombwa biba biri ku ikarita byafasha umukarani w'Ibarura kugira ngo ayerekeze neza mu buryo bwayo.
**Urugero:** isoko, irimbi, amashuri, insisiro, imisozi, etc

# UMUTWE WA KANE: KUBARURA INGO NO GUSHYIRA I NIMERO KU MAZU NO KU NGO

## 4.1. GUSHYIRA INIMERO KU MAZU NO KU NGO

Umukarani w'ibarura amaze kumenya imbibi zigize agapande k'ibarura (EA) ashinzwe, agomba gutangira gushyira nimero ku mazu, ku ngo no ku bigo byose.

Inzu izabarurwa, ni buri nzu ibamo abantu cyangwa itarimo abantu ariko ari cyo yubakiwe, cyangwa inzu ibamo abantu ariko atari cyo yubakiwe. Iyo nzu ishobora kuba ari icyumba kimwe cyangwa inzu ifite ibyumba byinshi, yitaruye cyangwa amazu menshi ari mu rupangu rumwe.

Inimero z'amazu zizandikwa hakurikijwe uko amazu yegeranye n'uko akurikiranye kugira ngo hatagira amazu asigara adafite inimero. Buri gapande k'ibarura kazagirwa n'inimero z'imibare itatu uhereye kuri **001**. Iyo nimero ibanzirizwa n'impinamagambo **4-PHC**(Ibarura rya kane ry'abaturage n'imiturire) kandi igomba kwandikwa ahagaragara. Impamvu y'imibare 3 ni uko nkuko byavuzwe haruguru, nta gapande k'ibarura karengeje ingo 200; ni ukuvuga ko nta kagejeje ku 1000 cyangwa kurenza byatuma handikwa imibare 4.

**Urugero: 4-PHC-001/001**

## 4.2. KWANDIKA AMAZU N'I NGO

Iyo umukarani w'ibarura amaze kwandika nimero ku mazu, azandukura kuri lisiti zabugenewe. Numero y'inzu n'urugo bijyana n'amazina ya ba nyir'ingo. Impamvu nyamukuru y'iki gikorwa ni ukugirango hatagira urugo rwibagirana cyangwa ngo rubarurwe kabiri. Izi lisiti zinakoreshwa iyo bahitamo ingo bifuza gukoreramo ubundi bushakashatsi nyuma y'ibarura rusange ry'abaturage n'imiturire.

Mu gushyira inimero ku mazu no ku ngo hazaboneka amazu n'ingo bizaba biteye bitya:


## 4.3. URUGO RUSANZWE

***4.3.1. Inzu ituwe n'urugo rumwe:*** uzashyiraho inimero y'inzu ikurikiwe n'inimero y'urugo.

**Urugero: 4-PHC- 001/001**, ni ukuvuga inzu ya mbere ituwe n'urugo rumwe rwa mbere.

***4.3.2. Inzu imwe ituwe n'ingo nyinshi:*** inimero y'inzu ni imwe kuri izo ngo zose kandi ikaba ikurikira inimero y'inzu yayibanjirije. Nimero z'ingo ziri muri iyi nzu n'izo zihinduka zonyine zikandikwa uko zikurikirana.

**Urugero: 4-PHC - 002/002**
**4-PHC - 002/003**
**4-PHC - 002/004**





**Icyitonderwa:** inimero z'inzu zigenda zihinduka uva ku nzu ujya ku yindi.
Inimero z'ingo nazo zigenda zihinduka ukurikije inimero z'ingo zazibanjirije.

### *4.3.3. Inzu nyinshi zituwe n'urugo rumwe*

Icyo gihe amazu yose azabona inimero imwe. Inzu ya nyir'urugo niyo yandikwaho inimero y'urugo; inzu zisigaye mu mwanya w'inimero y'urugo hazandikwaho amazero **"000"**

**Urugero : 4-PHC 003/005**, inzu ya nyir'urugo.
**4-PHC 003/000**, inzu ya mbere iraramo abana cyangwa abakozi ba nyir'urugo.
**4-PHC 003/000**, inzu ya kabiri iraramo abana cyangwa abakozi ba nyir'urugo.




### *4.3.4. Inzu nyinshi zituwe n'ingo nyinshi*

Izo nzu n'izo ngo zizagira inimero zitandukanye, hakurikijwe uko inzu zituwe.

Urugero:

Andika;

1. **4-PHC - 004/006**
2. **4-PHC - 005/007**
3. **4-PHC - 006/008**




**Icyitonderwa:** ibikoni, imisarani, ibyumba bakarabiramo, amazu agenewe kubikwamo ibikoresho,… ntibishyirwaho inimero.

### *4.3.5. Uburyo bwo gushyira nimero ku bigo bituwe*

Umukarani w'ibarura ushinzwe kubarura ibigo bituwe, amaze kumenya umubare w'ibigo n'uw'abantu babituye, azabashyira mu matsinda y'abantu 60 muri buri kigo. Abantu bagize itsinda rimwe bazabarurwa nk'abagize urugo rumwe. Inimero y'inzu y'icyo kigo izaba ikurikira iy'inzu ikibanziriza. Inimero z'amatsinda zizagenda zihinduka uhereye kuri 901

**Ingero:**

Ikigo gikurikira inzu ifite inimero 4-PHC 056/058, uzandika kuri icyo kigo 4-PHC 057/901 niba kitarengeje abantu 60.

Nk'ikigo gituwe n'abantu 300, abagituye bazashyirwa mu matsinda 5 y'abantu 60.

1. Niba kizaba gikurikira inzu isanzwe ifite inimero 4-PHC 056/058, uzandika kuri icyo kigo gutya: 4-PHC 057/901-905.
2. Niba muri ako gapande k'ibarura harimo ikigo cya 2 gikurikira inzu isanzwe ifite inimero 4- PHC 065/070, kikaba kirimo abantu 150 kizaba kigizwe n'amatsinda 3: 60, 60, 30. Inimero y'ikigo izaba ari: 4-PHC 066/906-908.

Inimero z'amatsinda nazo zigenda zihinduka hakurikijwe inimero zazibanjirije, ariko inimero y'inzu izaba ari imwe ku kigo cyose. Umukarani w'ibarura w'ikigo gituwe azareba inimero y'inzu yahawe icyo kigo n'umukarani w'ibarura w'ingo zisanzwe. Ni ukuvuga ko umukarani w'ibigo bituwe azajya yandika inimero z'amatsinda azaba ari mu kigo, ariko mu mwanya w'inimero y'inzu ikomeze kuba ya nimero yanditswe ku kigo n'umukarani w'ibarura w'ingo zisanzwe.

**Icyitonderwa;**

1. **Ku nzu z'ubutegetsi** (ibiro by'Umudugudu, by'Akagari, by'Umurenge, by'Akarere,by'Intara, Minisiteri, Kiliziya, Inganda, Inzu z'ubucuruzi,…), ugomba kumenya neza niba nta rugo rutuyemo mbere yo kuhava nta nimero ushyizeho. Ariko, niba inzu ituwemo n'urugo, shyiraho inimero y'inzu n'iy'urwo rugo.

2. **Ku nzu zidatuwemo:** kuri izo nzu ufata inimero ikurikira iyo wari ugezeho ukongeraho 500, mu mwanya w'inimero y'urugo ukandika **"000"**. Niba inzu itari ituwemo igihe bashyiragaho inimero ubu ikaba ituwe, usiba (ukuraho) iyo nimero iranga inzu itari ituwe, ukandikaho inimero y'inzu/urugo ukurikije inimero y'inzu/urugo wagarukiyeho mu gapande kawe k'ibarura.

**Urugero:**
Niba inzu uheruka kubarura ifite nimero 087 n'urugo ruyituyemo rufite nimero 096, kuri iyi nzu idatuwemo uzandika 587/000. Niba kandi inzu n'ingo zose zo mu gapande kawe k'ibarura wararangije kuziha inimero, iya nyuma ikaba ifite 193/201, igihe uzaza kubarura ingo ugasanga ya nzu itari ituwe ikaba isigaye ituwe, icyo gihe inimero y'inzu izaba 194 inimero y'urugo izaba 202/, byandikwe mu buryo bukurikira 4- PHC 194/202

3. **Ku kigo kidatuwe:** kuri icyo kigo, ufata inimero wari ugezeho ukongeraho 700, mu mwanya w'inimero y'ikigo ukandika "000". Niba ikigo kitari gituweigihe bashyiragaho inimero ubu kikaba gituwe, ukuraho (gusiba) iyo nimero iranga ikigo kidatuwe, hanyuma ugashyiraho nimero iranga ikigo gituwe ukurikije inimero y'inzu/urugo cyangwa ikigo wagarukiyeho mu gapande kawe k'ibarura.

**Urugero:**
Iki kigo kibaruwe nyuma y'urugo tumaze kuvuga haruguru rwaje gutura muri ya nzu yari

idatuwe mu gihe cyo gushyira inimero ku mazu n'ingo. Inimero igaragaza ko kidatuwe uzandika 894/000.
Mugihe cy'ibarura nyirizina, ikigo nikiba cyaratuwemo harimo abantu bagera ku 160 (ni urugero), uzandika 195/909-912

4. Urugo rumaze kubarurwa, umukarani w'ibarura yandika imbere ya nimero ku ifishi akamenyetso gakurikira: "√" imbere y'impinamagambo **4-PHC** -.../...

**Urugero:** Urugo PHC-025/069, rumaze kubarurwa inimero izasigara iteye itya:

**√ 4-PHC-025/069**

# UMUTWE WA GATANU: UBURYO BWO KUZUZA INTONDE Z'IBIBAZWA MU IBARURA

## 5.1. INSHINGANO ZIHARIYE Z'UMUKARANI W'IBARURA

### *5.1.1 Kwimenyekanisha*

Kugirango ushobore kubona amakuru ushaka mu rugo ugezemo, ni ngombwa gutegura abo muganira ukabaremamo icyizere mu kwimenyekanisha.

Nugera mu rugo uzasuhuze abo uhasanze, uvuge uti : " nitwa kanaka, ndi umukarani w' Ibarura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire, natumwe n'Ikigo cy'Igihugu gishinzwe Ibarurishamibare, nifuza kubonana na nyir'urugo". Icyo gihe nyir'urugo cyangwa umuhagarariye azakwakira; maze umwibwire, umwereke urwandiko rusaba kubonana n'ababa mu rugo hanyuma umubwire ko hari ibibazo ugomba kumubaza byateganyijwe mu rwego rw'iryo barura Rusange ry'Abaturage n'Imiturire. Mwizeze ko ibyo muganira ari ibanga nkuko biteganywa n'itegeko rigenga ubushakashatsi bw'ibarurishamibare. Uzakomeze uvuge uti :

Ese ni wowe nyir'urugo?

Ibiganiro tugiye gukorana bishingiye ku ijoro ryo kuwa 15 rishyira uwa 16 Kanama 2012. Numara kwimenyekanisha kuri nyir'urugo cyangwa umuhagarariye, niho umurimo wo kubarura urugo uzatangira.

### *5.1.2 Ibyo Umukarani w'Ibarura Agomba Kwirinda*

- Kuganira ibyerekeranye na politiki, amadini n'ibindi byose nka byo bitagira aho bihuriye n'akazi ushinzwe;
- Kuba hari uguherekeje mu gihe urimo gukora ibarura mu rugo;
- Kuba wakoresha undi utarabihuguwemo cyangwa atabiherewe uburenganzira n'abagukuriye kugira ngo agusimbure mu murimo w'ibarura;
- Kugira akandi kazi ubangikanya n'ibarura mu gihe cyose rizamara;
- Guta akazi katarangiye;
- Kubarurira abantu ahandi hatari mu rugo rwabo;
- Kubarura abatuye urugo hari abandi bantu batari abo muri urwo rugo.

## 5.2 UBWOKO BW'INTONDE Z'IBIBAZWA

Hari ubwoko bubiri bw'intonde z'ibibazwa:

### *5.2.1.Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ingo zisanzwe*

Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ingo zisanzwe rugizwe n'ibice birindwi bitandukanye twise ibika:

- Igika cya mbere(**L**) ku rupapuro rwa mbere kigizwe n'**Irangarugo** (aho urugo ruherereye)
- Igika cya kabiri (**S**) kirerekana imbonerahamwe y'umubare w'abantu babaruwe

mu rugo hakurikijwe igitsina n'uburyo bari batuye muri urwo rugo mu ijoro ry'ibarura.

- Igika cya gatatu kigizwe n'urupapuro rugaragaza urutonde rw'abagize urugo n'abashyitsi baraye muri urwo rugo mu ijoro ry'ibarura n'imiterere yabo.
- Igika cya kane (P) kiravuga imiterere ya buri muntu uba mu rugo: kirimo ibibazo 36 akaba ari nacyo mu by'ukuri kigize umutima w'iri barura.
- Igika cya gatanu (H) cyerekeranye n'imiturire hamwe n'ibiranga imyubakire y'amazu ndetse n'imimerere yayo utibagiwe umutungo n'ibikoresho bimwe na bimwe; nka radiyo, telefoni, imodoka,...
- Igikacya gatandatu (M) kirebana n'impfu zabaye mu mezi 12 ashize muri buri rugo
- Igika cya karindwi cyerekeranye n'Ubugenzuzi bw'iri barura: harimo ibigomba gukorwa byose bituma ibarura rinonosorwa neza (paji ibanza).

**Icyitonderwa:** Impamvu iki gice kije nyuma y'ibindi kandi kigaragara kuri paji ya mbere ni uko cyuzuzwa nyuma y'ibindi; ariko kigaragara mbere kugirango hatagira uwibagirwa kucyuzuza yibaza ko yarangije kubaza. Ikindi ni uko gifasha kumenya umwirondoro w'abantu bakoze umurimo uyu cyangwa uyu kugirango nihaba amakosa ifishi isubizwe ugomba kuyakosora.

### *5.2.2. Urutonde rw'ibibazwa mu bigo bituwe*

Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ibigo bituwe rugizwe n'ibice bine bitandukanye:

- Igika cya mbere (**L**) ku rupapuro rwa mbere kigizwe n'**Irangakigo** (aho ikigo giherereye).
- Igika cya kabiri (**S**) kirerekana imbonerahamwe y'abatuye mu kigo hakurikijwe igitsina n'uburyo bari batuye muri icyo kigo mu ijoro ry'ibarura (PR, AR, VIS).
- Igika cya gatatu (**P**) kiravuga imiterere ya buri muntu uba mu kigo: kirimo ibibazo 12. Ibi bibazo bisa n'ibyo mu rutonde rw'ibibazwa mu rugo rusanzwe ariko siko byose byabajijwe ; niyo mpamvu nimero z'ibibazo zidakurikiranye nkuko bisanzwe

.

## 5.3. KUZUZA INTONDE Z'IBIBAZWA

### *5.3.1. IGIKA L: Aho urugo ruherereye n'ibiruranga*

**Irangarugo:** Irangarugo ryuzuzwa n'umukarani w'ibarura buri gihe ageze mu rugo rubarurwa, kandi amaze kubonana na nyir'urugo. Nta mukarani n'umwe wemerewe kubaza ibindi ataruzuza iki gika cya ngombwa cyane mu ibarura kubera ko, kitujujwe, amakuru yose ari mu rutonde rw'ibibazwa rw'urugo yaba abaye impfabusa.

**Intara, Akarere, Umurenge, Akagari, Umudugudu**

**L01: Intara:** Andika mu nyuguti nkuru izina ry'intara Urugo rubarizwamo

**L02: Akarere:** Andika mu nyuguti nkuru izina ry'Akarere Urugo rubarizwamo

**L03: Umurenge:** Andika mu nyuguti nkuru izina ry'Umurenge Urugo rubarizwamo

**L04: Akagali:** Andika mu nyuguti nkuru izina ry'Akagali Urugo rubarizwamo
**L05: Umudugudu:** Andika mu nyuguti nkuru izina ry'Umudugudu Urugo rubarizwamo

**Urugero:**
Urugo rutuye mu mudugudu Kavumu, Akagari ka Nonko, Umurenge wa Nyarugunga, Akarere ka Kicukiro, Umujyi wa Kigali, andika:

**L01: Intara:** UMUJYI WA KIGARI
**L02: Akarere:** KICUKIRO
**L03: Umurenge:** NYARUGUNGA
**L04: Akagari:** NONKO
**L05: Umudugudu:** KAVUMU
**L06: Inimero y'agapande k'ibarura:** Nimero ijyanye n'agapande kawe k'ibarura igizwe n'imibare ibiri ya nyuma muzabona ku ikarita y'ako gapande. Mugomba kuyishyira mu mwanya wayo, kuri buri rutonde rw'ibibazwa.
Urugero : Niba inimero y'agapande k'ibarura ari 08, uzayandika ku rutonde rw'ibibazwa mu tuzu twabugenewe gutya: |_0__|_8__|

**L07: Umujyi/Icyaro:** Niba agapande kawe k'ibarura kari mu mujyi, andika mu kazu kabigenewe umubare 1, Niba agapande kawe k'ibarura kari mu cyaro, andika mu kazu kabigenewe umubare 2 (Ifashishe urutonde rw'uduce duherereye mu mujyi kugirango umenye aho agace gaherereye)

**L08: Inimero y'inzu:** (Reba ku rutonde rw'irangarugo ku mwanya wa 08).
Andika mu tuzu dutatu twateganyijwe, inimero y'inzu wahaye urwo rugo igihe washyiraga inimero ku mazu no ku ngo nta mpinamagambo "4-PHC" ushyizeho. Akamaro k'impinamagambo 4-PHC, ni ugutandukanya iri Barura rya Kane ry'Abaturage n'Imiturire n'andi mabarura yabaye ashobora kuba acyanditse ku rugi.

**L09: Inimero y'urugo:** Andika inimero ijyanye n'imibare itatu iheruka wahaye urwo rugo igihe washyiraga inimero ku mazu no ku ngo.

**L10: Icyiciro cy'urugo:** Ntacyo umukarani w'ibarura yandika ku ngo zisanzwe no ku bigo bituwe. Ahubwo ku kigo gituwe yandika amazina yacyo ku buryo bugararaga .

**L11:Umubare w'intonde z'ibibazwa zakoreshejwe muri buri rugo** (Reba ku rutonde rw'irangarugo ku mwanya wa L11)
Umubare w'intonde z'ibibazwa ungana n'inimero y'urutonde rw'ibibazwa rwanyuma bakoresheje babarura urugo. Kuri buri rutonde rw'ibibazwa hajyaho abantu batarenze cumi na babiri (12).

Iyo urugo rubamo abantu barenze cumi na babiri ukoresha izindi ntonde z'ibibazwa. Icyo gihe buri rutonde rw'ibibazwa ruzagira inimero yarwo bitewe n'umubare w'intonde z'ibibazwa zizaba zakoreshejwe muri urwo rugo. Ku inimero ya 11 y'irangarugo hateganyijwe utuzu tubiri:

Mu kazu ka mbere handikwamo inimero y'urutonde rw'ibibazwa rugezweho. Mu kazu ka kabiri handikwamo umubare w'intonde z'ibibazwa zakoreshejwe,

**Ingero**

1. Mu gihe ugeze mu rugo rurimo abantu batarenze cumi na babiri (12) wuzuza urutonde rw'ibibazwa rumwe:

- Ku ipaji ya mbere y'urutonde rw'ibibabazwa, ku irangarugo, inimero ya 11 andika:

Umubare 1 wo mu kazu ka mbere usobanura urutonde rw'ibibazwa rwa mbere rwakoreshejwe muri urwo rugo. Umubare 1 wo mu kazu ka kabiri usobanura ko hakoreshejwe urutonde rw'ibibazwa rumwe gusa muri urwo rugo............1 / 1.

2. Mu gihe ugeze mu rugo rurimo abantu bari hagati ya cumi na batatu (13) na makumyabiri na bane (24), wuzuza intonde z'ibibazwa ebyiri.

- Ku rutonde rw'ibibazwa rwa mbere, ku irangarugo, inimero ya 11 andika : 1 / 2

Umubare 1 wo mu kazu ka mbere usobanura urutonde rw'ibibazwa rwa mbere rwakoreshejwe muri urwo rugo. Umubare 2 wo mu kazu ka kabiri usobanura ko hakoreshejwe intonde z'ibibazwa ebyiri muri urwo rugo.

- Ku rutonde rw'ibibazwa rwa kabiri, ku irangarugo, inimero ya11 andika : 2 / 2

Umubare 2 wo mu kazu ka mbere usobanura urutonde rw'ibibazwa rwa kabiri rwakoreshejwe muri urwo rugo. Umubare 2 wo mu kazu ka kabiri usobanura ko hakoreshejwe intonde z'ibibazwa ebyiri muri urwo rugo.

3. Mu gihe ugeze mu rugo rurimo abantu hagati ya makumyabiri na batanu (25) na mirongo itatu na batandatu (36), wuzuza intonde z'ibibazwa eshatu.

- Ku rutonde rw'ibibazwa rwa mbere, ku irangarugo, inimero ya11 andika : 1 / 3

Umubare 1 wo mu kazu ka mbere usobanura urutonde rw'ibibazwa rwa mbere rwakoreshejwe muri urwo rugo. Umubare 3 wo mu kazu ka kabiri usobanura ko

hakoreshejwe intonde z'ibibazwa eshatu muri urwo rugo.

- Ku rutonde rw'ibibazwa rwa kabiri, ku irangarugo, inimero ya11 andika : 2 / 3

Umubare 2 wo mu kazu ka mbere usobanura urutonde rw'ibibazwa rwa kabiri rwakoreshejwe muri urwo rugo. Umubare 3 wo mu kazu ka kabiri usobanura ko hakoreshejwe intonde z'ibibazwa eshatu muri urwo rugo.

- Ku rutonde rw'ibibazwa rwa gatatu, ku irangarugo, inimero ya11 andika : 3 / 3

Umubare 3 wo mu kazu ka mbere usobanura urutonde rw'ibibazwa rwa kabiri rwakoreshejwe muri urwo rugo. Umubare 3 wo mu kazu ka kabiri usobanura ko hakoreshejwe intonde z'ibibazwa eshatu muri urwo rugo.

**Icyitonderwa:** Iyo umukarani w'ibarura arangije kubarura urugo, asabwe gutunganya intonde z'ibibazwa mu buryo bukurikira :

- Shyira urutonde rw'ibibazwa rwa kabiri mu rutonde rw'ibibazwa rwa mbere.
- Shyira urutonde rw'ibibazwa rwa gatatu mu rutonde rw'ibibazwa rwa kabiri.
- Shyira urutonde rw'ibibazwa rwa kane mu rutonde rw'ibibazwa rwa gatatu.

Bityo, bityo,...
Urutonde rw'ibibazwa rufite umubare 1 mu kazu ka mbere nirwo rugaragara inyuma. Kugenzura ko intonde zose zagiye zinjizwa rumwe rwose mu rurubanziriza; zirikana ko umubare w'intonde z'ibibazwa zujujwe mu rugo ungana n'umubare wanditse mu kazu ka kabiri ka L11.

### *5.3.2. IGIKA S: Kuzuza Imbonerahamwe y'Urugo*

#### *5.3.2.1.Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ingo zisanzwe*

Iyo mbonerahamwe yuzuzwa n'umukarani w'ibarura iyo amaze kubarura urugo.
Imbonerahamwe y'urugo yuzuzwa kuri ubu buryo bukurikira:

| | GABO | GORE | BOSE |
|---|---|---|---|
| **ABATUYE MU RUGO BAHARAYE (PR)** | | | |
| **ABATUYE MU RUGO BATAHARAYE (AR)** | | | |
| **BOSE HAMWE (PR + AR)** | | | |
| **ABASHYITSI (VIS)** | | | |
| **ABABARUWE BOSE HAMWE** | | | |
| **ABATUYE BAFITE HEJURU Y'IMYAKA 18** | | | |

1. Bara abantu b'igitsina gabo bose basanzwe baba mu rugo kandi baharaye mu ijoro ry'ibarura ubandike mu tuzu twagenewe igitsina gabo.

2. Bara abantu b’igitsina gore bose basanzwe baba mu rugo kandi baharaye mu ijoro ry’ibarura ubandike mu tuzu twagenewe igitsina gore.
3. Teranya imibare y’igitsina gabo n’iy’igitsina gore basanzwe baba mu rugo kandi baharaye mu ijoro ry’ibarura, igiteranyo ugishyire mu tuzu twateganyijwe (Bose).
4. Bara abantu b’igitsina gabo bose basanzwe baba mu rugo ariko batabaraye mu ijoro ry’ibarura ubandike mu tuzu twagenewe igitsina gabo.
5. Bara abantu b’igitsina gore bose basanzwe baba mu rugo ariko bataharaye mu ijoro ry’ibarura ubandike mu tuzu twagenewe igitsina gore.
6. Teranya imibare y’igitsina gabo n’iy’igitsina gore bataraye mu rugo mu ijoro ry’ibarura, igiteranyo ugishyire mu tuzu twateganyijwe (Bose).
7. Teranya imibare y’igitsina gabo y’abaraye mu rugo n’abataraharaye, igiteranyo ugishyire mu tuzu twateganyijwe (Bose hamwe (PR+AR).
8. Teranya imibare y’igitsina gore yabaraye mu rugo n’abataraharaye, igiteranyo ugishyire mu tuzu twateganyijwe (Bose hamwe (PR+AR).
9. Teranya imibare y’igitsina gabo baraye mu rugo n’abataraharaye (PR+AR) n’iy’igitsina gore baraye mu rugo n’abataraharaye (PR+AR), igiteranyo ugishyire mu tuzu twateganyijwe (Bose).
10. Bara abashyitsi b’igitsina gabo umubare uwandike mu tuzu twabugenewe **(ABASHYITSI (VIS) Gabo).**
11. Bara abashyitsi b’igitsina gore umubare uwandike mu tuzu twabugenewe **(ABASHYITSI (VIS) Gore).**

Teranya imibare y’abashyitsi b’igitsina gabo n’ab’igitsina gore, igiteranyo ugishyire mu tuzu twateganyijwe **(ABASHYITSI (VIS) Bose).**
Umubare w’ababaruwe bose hamwe mu rugo ugizwe n’igiteranyo cy’abatuye mu rugo bose wongeyeho abashyitsi bose hamwe.

Nyuma yo kubona igiteranyo cy’abaraye mu rugo n’abataharaye ni ukuvuga Bose hamwe (PR+AR), ukurikije igitsina cyabo uzandika mu tuzu twabugenewe abatuye mu rugo bafite imyaka iri hejuru ya 18 ( Abashyitsi ntibabarwamo, bireba gusa abatuye mu rugo baharaye(PR) n’abatuye mu rugo bataharaye(AR) mu ijoro ry’ibarura.

**Icyitonderwa**

1. Fata igiteranyo cy’ababaruwe mu rugo bose urebe niba umubare ubonye ungana n’umubare w’ababaruwe banditse ku ifishi y’imiterere ya buri muntu uri mu rugo. Niba wakoreshejwe intonde nyinshi muri urwo rugo, teranya umubare w’abari kuri buri rutonde ku kibazo cya P01, urebe ko igiteranyo cyabo bose kingana n’icyo wabonye mu mbonerahamwe umaze kuzuza. Bitabaye ibyo , ugomba kugenzura neza aho ikosa riri ugakosora.
2. Niba hakoreshejwe intonde z’’ibibazwa zirenze rumwe mu rugo, imbonerahamwe

y'urugo izuzuzwa ku ipaji ya mbere y'urutonde rw'ibibazwa rwa mbere.

**2. Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ibigo bituwe**

Iyo mbonerahamwe yuzuzwa n'umukarani w'ibarura iyo amaze kubarura ikigo gituwe.

| | GABO | GORE | BOSE |
|---|---|---|---|
| **ABATUYE MU RUGO BAHARAYE (PR)** | | | |
| **ABATUYE MU RUGO BATAHARAYE (AR)** | | | |
| **BOSE HAMWE (PR + AR)** | | | |
| **ABASHYITSI (VIS)** | | | |
| **ABABARUWE BOSE HAMWE** | | | |
| **ABATUYE BAFITE HEJURU Y'IMYAKA 18** | | | |

Imbonerahamwe y'ikigo gituwe yuzuzwa nkuko byasobanuwe ku rugo rusanzwe, ariko hari nk'ibigo bishobora kutazagaragaza abashyitsi (nk'amagereza). Icyo gihe mu tuzu twagenewe kuzuzwamo umubare w'abashyitsi hazuzuzwamo zero (00)

Iyi mbonerahamwe yuzuzwa hakurikijwe urutonde rw'abatuye mu kigo nk'uko bigaragara ku rutonde rw'ibibazwa, ku ibibazo bya P01 na P06 (bigaragaza niba ubarurwa asanzwe atuye mu kigo) .

Nyuma yo kubona igiteranyo cy'abaraye mu kigo n'abataharaye (Bose hamwe (PR+AR) ukurikije igitsina cyabo, uzandika mu tuzu twabugenewe abatuye mu rugo bafite imyaka iri hejuru ya 18 ( Abashyitsi ntibabarwamo, bireba gusa abatuye mu rugo baharaye (PR) n'abatuye mu rugo bataharaye(AR).

**Icyitonderwa;**

1. Fata igiteranyo cyabatuye ikigo bose urebe niba umubare ubonye ungana n'umubare w'ababaruwe banditse mu gice cya P01 (Ni ukuvuga umubare w'abantu bose bo muri icyo kigo).
2. Niba hakoreshejwe intonde z''ibibazwa zirenze rumwe mu kigo, imbonerahamwe y'ikigo izuzuzwa ku ipaji ya mbere y'urutonde rw'ibibazwa rwa mbere.

### *5.3.3. IGIKA P: Imiterere ya buri muntu uri mu rugo*

Iki gika gitangirwa na paji igaragaza urutonde rw'abantu basanzwe baba mu rugo, baba abaharaye cyangwa abataharaye hamwe n'abashyitsi baraye muri urwo rugo mu ijoro ry'ibarura n'imiterere yabo. Umukarani w'ibarura rusange agomba kubanza kuzuza iyi paji mbere yo gutangira kubaza ibindi bibazo.

Yandika amazina y'abantu bose basanzwe baba mu rugo, baharaye cyangwa bataharaye mu ijoro ry'Ibarura (15-16/08/2012) ahereye kuri Nyir'urugo agakomeza ku bandi batuye mu rugo nk'uko bakurikiranyije mu mabwiriza yatanzwe kuri iyi paji (P01).

Haramutse hari abashyitsi baraye muri urwo rugo mu ijoro ry'Ibarura, uzabandike nyuma yo kwandika abantu bose basanzwe baba mu rugo, baharaye cyangwa bataharaye mu ijoro ry'Ibarura.

Uru rutonde rufasha umukarani w'ibarura mu kugenzura neza ko amakuru atangwa n'uwo baganira kuri buri muntu ari ukuri agendeye cyane cyane ku isano, igitsina no ku myaka y'usubirizwa.

**Icyitonderwa:** Uru rutonde rw'amazina y'abagize urugo rukoreshwa gusa mu kubarura urugo rusanzwe, ntirukoreshwa ku kigo gituwe.

**Uko iyi paji yuzuzwa mu rugo rusanzwe**

P01: Baza nyir'urugo cyangwa umuhagarariye abantu bose baraye mu rugo rwe mu ijoro ryo kuwa 15 rishyira uwa 16 wandike amazina yabo mu ikaye witwaje mbere yo kubandika ku rutonde rw'ibibazwa. Ongera umubaze niba nta bandi bantu basanzwe baba mu rugo rwe ariko bataharaye muri iryo joro, nabo ubandike mu ikaye yawe niba bahari. Kuri buri wese akubwiye, mubaze igihe amaze ataba muri urwo rugo n'igihe azamara aho yagiye;

- Niba amaze cyangwa azamara amezi atandatu ataragaruka, uwo uhita umusiba kuri rwa rutonde rw'abasanzwe bahaba kuko atabarurirwa muri urwo rugo.
- Niba azagaruka mbere y'amezi atandatu, mubarure ko <u>ahaba</u> ariko <u>ataharaye</u> mu ijoro ry'Ibarura.
- Niba ataramara amezi atandatu agiye kandi ntawe uzi igihe azagarukira, uwo <u>arabarurwa</u> ko ahaba ariko <u>ataharaye</u>.

Baza na none niba nta bashyitsi baraye mu rugo rwe muri iryo joro nabo ubandike mu kaye yawe niba bahari. Ku bantu bose baharaye, abataharaye n'abashyitsi, soma izina rimwe rimwe nkuko yabakubwiye, umubaze isano bafitanye noneho ubandike kuri iyi paji y'urutonde rw'ibibazwa ukurikije uko bagomba gukurikirana:

- Nyir'urugo (HH);
- Abana ba nyir'urugo batarashaka baba muri urwo rugo ariko ba nyina bakaba batahaba uhereye ku mukuru;
- Umugore/umugabo wa mbere wa nyir'urugo uba muri urwo rugo akurikiwe n'abana be batarashaka baba muri urwo rugo uhereye ku mukuru;
- Umugore wa kabiri cyangwa wa gatatu ba nyir'urugo uba muri urwo rugo akurikiwe n'abana be batarashaka baba muri urwo rugo uhereye ku mukuru;
- Abana ba nyir'urugo bashatse; abo bashakanye n'abana babo ariko bose bakaba baba muri urwo rugo;
- Abana bakiriwe na nyir'urugo ariko nta sano bafitanye;
- Abandi bafitanye isano na nyir'urugo bakurikiwe n'abafitanye isano n'uwo

bashakanye, baba muri urwo rugo.

- Abandi badafitanye isano na nyir'urugo cyangwa uwo bashakanye.

P02: Umuntu wa mbere wanditse kuri P01 agomba kuba nyir'urugo: ca akaziga kuri 1. Ku bandi, soma izina hanyuma use n'ushaka ko akwibutsa ubaza uti: Harya wambwiye ko...........(izina) ari........(isano) wawe? Niba habayemo kwibeshya, uzakosore.

P03: Umaze kumubaza isano afitanye na........ mubaze igitsina cye, uce akaziga ku mubare akubwiye, ukomeze.

***5.3.4. IGIKA P: Ibibazo bireba Abatuye urugo n'abaraye mu rugo***

Iki gika kigizwe n'ibibazo 36 kigaruka ku mapaji 12 ahuye n'umubare w'abantu bateganyijwe kubarurwa kuri buri rutonde rw'ibibazwa. Ibi bibazo byose uko ari 36 biri mu byiciro 8 bitandukanye.

- Ibibazwa abantu bose basanzwe batuye mu rugo n'abaharaye uhereye kuri nyir'urugo (P01-P06). Abashyitsi babazwa ibi bibazo byonyine;
- Ibibazwa buri muntu usanzwe aba mu rugo yaba yaharaye cyangwa ataharaye (P07-P13);
- Ibibazwa abasanzwe baba mu rugo ariko bafite munsi y'imyaka 18 bonyine (P14-P15) (Kubaho kw'ababyeyi) ;
- Ibibazwa abafite nibura imyaka 3 y'amavuko (P16-P19) (Kumenya gusoma no kwandika, uburezi);
- Ibibazwa abafite nibura imyaka 5 y'amavuko (P20-P24) (Umurimo);
- Ibibazwa abafite nibura imyaka 5 y'amavuko (P25-P28) (Umurimo: Bibazwa abigize gukora);
- Ibibazwa abafite nibura imyaka 12 y'amavuko (P29-P32) (Irangamimerere);
- Ibibazwa ab'igitsina gore gusa bafite nibura imyaka 12 y'amavuko (P33-P36) (Imbyaro);amabwiriza yanditse mu nyuguti nkuru ari mu ibara ry'umukara umukarani w'ibarura agomba kuyitondera. Ibibazo biza munsi y'aya mabwiriza bireba gusa abantu bo mu rugo. Iyo urangije kubaza ibijyanye na nyir'urugo ujya kuri paji ikurikira ukabaza amakuru y'umuntu wa 2 ukurikije uko wabatondetse kuri paji y'abantu basanzwe baba mu rugo n'abashyitsi.

**P01 : Inimero n'amazina by'ubarurwa**

***1. Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ingo zisanzwe***

Muri P01 handikwa nomero n'amazina y'umuntu ubarurwa kandi waraye muri urwo rugo mu ijoro ry'ibarura hamwe n'usanzwe ahaba ariko ataraharaye mu ijoro ry'ibarura kubera impamvu runaka. Handikwamo kandi n'umushyitsi waharaye muri iryo joro. Usanzwe aba mu rugo ariko akaba ari mu bigo bituwe, nawe ashyirwa muri P01.

**Icyitonderwa:** urugo rushobara kuba rugizwe n'abashyitsi gusa; icyo gihe. Umuntu umwe cyangwa abantu benshi, bafitanye isano cyangwa ntayo bafitanye bashobora gutemberera mu gihugu, mu Karere runaka aho kujya muri hoteli, bagakodesha inzu/ appartement bamaramo igihe kitarenze amezi 6. Icyo gihe, iyo ari umuntu umwe, yandikwa nka nyir'urugo kuri P02, akandikwa nk'umushyitsi kuri P06. Iyo ari abantu benshi, bitoramo nyir'urugo, ibibazo byose kuva kuri P01 kugera kuri P06 bakabibazwa. Kubera ko bose ari abashyitsi, babazwa kugera kuri P06 gusa.

***2. Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ibigo bituwe***

N$^{o}$: Buri muntu ubarurwa agomba kwandikwa hakurikijwe uko inimero zikurikiranye muri **N$^{o}$**. Urwo rutonde rw'inimero muri **N$^{o}$** ruhera kuri 1 kugera ku 15. Iyo ikigo kigizwe n'abantu benshi, icyo gihe hazakoreshwa intonde z'ibibazwa nyinshi.

Umukarani w'ibarura asabwe gukurikiranya urutonde rw'ababa mu kigo ku buryo intonde z'inyongera agenda ahindura inimero muri No n'ikaramu y'igiti kugira ngo zikurikirane neza kugeza ku muntu wa nyuma.

Muri P01, handikwa amazina y'abantu bose batuye n'abaraye mu kigo mu ijoro ry'ibarura

**Icyitonderwa:**

1. Umukarani w'ibarura agomba kwandika byibura amazina abiri ya buri muntu ubarurwa

**P02: Isano:**

***Baza: Ni iyihe sano [Izina] afitanye na nyir'urugo?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe kuri buri wese mu rugo.

Urupapuro rwa mbere rwuzurizwa nyir'urugo (1) . Naho izindi zikurikiraho zuzurizwa abandi basigaye bo muri urwo rugo cyangwa baharaye mu ijoro ry'ibarura ( 2 -12).

1. Nyiri urugo
2. Umugore/Umugabo
3. Umwana wa Nyiri urugo
4. Umwana badafitanye isano
5. Se/Nyina
6. Umuvandimwe
7. Umwuzukuru
8. Undi bafitanye isano
9. Nta sano afitanye na nyir'urugo

**P03:  Igitsina**

**(Ku ntonde z'ibibazwa zagenewe ingo zisanzwe n'ibigo bituwe)**

***Baza: igitsina cya [Izina] ni ikihe?***

Ca akaziga gusa ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe.

1. Gabo
2. Gore

**Icyitonderwa:** Nta mpamvu yo  kubaza umuntu igitsina cye igihe cyose bigaragara ko ari igitsina gore cyangwa gabo, keretse igihe ubona uri gukekeranya nibwo ushobora ku mubaza.

**P04  : Igihe yavukiye**

**(Ku ntonde z'ibibazwa zagenewe ingo zisanzwe n'ibigo bituwe)**

***Baza : [Izina]  yavutse mu kuhe kwezi n'umwaka?***

Andika ukwezi n'umwaka mu tuzu twagenwe. Ibisubizo bitangwa byagombye guhura n'ibisubizo biri butangwe ku kibazo P05.Igihe atabashije kwibuka ukwezi uzuza mu tuzu twabugenewe **00.**

**P05: Imyaka y'amavuko**

**(Ku ntonde z'ibibazwa zagenewe ingo zisanzwe n'ibigo bituwe)**

***Baza uti: [Izina] yari afite imyaka ingahe y'amavuko ku isabuku ye iheruka?***

Uzuza neza imyaka y'amavuko yandikwa ni imyaka yuzuye amezi arengaho cg aburaho ntabwo abarwa ni ukuvuga imyaka y'umuntu igihe aherukira kwibukira isabukuru  ye y'amavuko. Ku bana bari munsi y'umwaka, andika mu tuzu twabigenewe **000**. Koresha imibare 3 wuzuza imyaka y'amavuko mu tuzu twagenwe.

Hari abantu batazi by'ukuri imyaka yabo. Rimwe na rimwe birashoboka ko wakora ikigereranyo ku myaka y'amavuko y'umuntu ugendeye kuri amwe mu mateka yaranze igihugu. Ukurikije aya mabwiriza, urutonde rw'amateka y'u Rwanda (reba ku mugereka) rushobora kwifashishwa.  Buri gihe gerageza kubona ibisubizo by'ukuri ku buryo bijyana neza n'imimerere y'ubazwa. Urugero, umugore ukuze w'imyaka 65 y'amavuko ntabwo ashobora kugira uruhinja rw'umwaka umwe, cyangwa umusore w'imyaka 18 y'amavuko wabyawe n'umugore ufite imyaka 19.

**Icyitonderwa:** Ikigereranyo cy'imyaka yemewe nubwo bitaba ukuri biruta kure kuba nta gisubizo cyaboneka. Kora rero uko ushoboye werekane imyaka ukoresheje amatariki yaranze amateka y'u Rwanda ari ku mugereka w'aka gatabo k'umukarani w'ibarura.

Niba igisubizo ari imyaka 3 kigomba kuzuzwa mu tuzu dutatu, andika kuri ubu buryo bukurikira: |__0|__0|_3_|

**P06 : Uburyo abantu batuye : (Ku ntonde z'ibibazwa zagenewe ingo zisanzwe n'ibigo bituwe)**

***Baza: Ese [Izina] asanzwe atuye muri uru rugo?***

Ca akaziga ku mubare ugendanye n'igisubizo uhawe.

Ibisubizo bishoboka n'ibi bikurikira:

1. Atuye muri uru rugo kandi yaharaye mu ijoro ry'ibarura (PR)
2. A tuye muri uru rugo ariko ntiyaharaye mu ijoro ry'ibarura (AR)
3. Umushyitsi (VIS)

**Icyitonderwa:**

1. Umuntu ufunze ntabarurirwa muri urwo rugo abarurirwa muri gereza.

## IBIBAZO BIREBA ABASANZWE BATUYE MU RUGO (NTIBIBAZWA ABASHYITSI)

**P07: Aho yavukiye**

**(Ku ntonde z'ibibazwa zagenewe ingo zisanzwe n'ibigo bituwe)**

***Baza: [Izina] yavukiye he?***

Aho yavukiye ni aho ababyeyi be batuye cg bari batuye bamubyara. Rimwe na rimwe ababyeyi batwite bakunze kuva aho batuye mu byaro bakabyarira mu migi. Ibi rero ntibivuga kwimuka aho wari utuye. Urugero, niba umugore utwite ubusanzwe atuye mu karere ka Karongi akaza kubyarira mu bitaro bya kaminuza i Kigali (CHUK), bizumvikana ko uwo mugore yaje i Kigali kubera ko akeneye aho abyarira. Bityo, akarere umwana uvutse azandikwa ko yavukiyemo ni Karongi.

Kubera ko imbibi z'uturere zagiye zihindagurika, ni ngombwa ko tumenya komini cg akarere ubazwa yari atuyemo mbere yo guhinduka kw'imbibi, bityo hifashishijwe urutonde rw'uturere rushya andika izina ry'akarere muri iki gihe tugezemo ukurikije aho ako karere cg komini ya cyera iherereye.

**Icyironderwa:**

Iyo ubazwa yavukiye mu Rwanda, andika intara ndetse n'akarere yavukiyemo. Hanyuma, iyo ubazwa yavukiye hanze y'igihugu, andika izina ry'igihugu yavukiyemo.

**Icyitonderwa:** Nta kintu wemerewe kwandika mu tuzu twateganyijwe kuri iki kibazo.

**P08: Ubwenegihugu**

**(Ku ntonde z'ibibazwa zagenewe ingo zisanzwe n'ibigo bituwe)**

***Baza: Ubwenegihugu bwa [Izina] ni ubuhe?***

Andika ubwenegihugu cg igihugu cy'amavuko kuri buri wese ubazwa.

Niba ari umunyarwanda udafite ubundi bwenegihugu, andika Rwanda imbere yahanditse

***"ubwa mbere"*** maze ukomeze ku kibazo gikurikira (Ntugire icyo wandika mu tuzu no mu mwanya wagenewe umunyarwanda ufite ubundi bwenegihugu bwa kabiri cyangwa ku munyamahanga).

Niba ari umunyarwanda ufite ubundi bwenegihugu:

- ***Mu ntonde z'ibibazwa zagenewe ingo zisanzwe***: andika Rwnda imbere yahanditse ***"ubwa mbere"*** wongere wandike ubundi bwenegihugu (izina ry'igihugu) mu mwanya wagenewe ubwenegihugu bwa kabiri, hanyuma ukomeze ku kibazo gikurikira (Ntugire icyo wandika mu tuzu no mu mwanya wagenewe ubwenegihugu bw'ubunyamahanga).
- ***Mu ntonde z'ibibazwa zagenewe ibigo bituwe***: Niba ari umunyarwanda udafite ubundi bwenegihugu andika Rwanda ku mwanya wa mbere, ukomeze ku kibazo gikurikira (Ntugire icyo wandika mutuzu).

Niba ari umunyarwanda ufite ubundi bwenegihugu; ku mwanya wa mbere andika Rwanda ku mwanya wa kabiri (ukurikira) andika izina ry'igihugu kijyanye n'ubwenegihu akubwiye mu mwanya wateganijwe ukomeze ku kibazo gikurikira (Ntugire icyo wandika mutuzu).

Niba ari umunyamahanga, andika izina gusa ry'igihugu cye ahateganijwe (Ku mwanya ubanza (Ntugire icyo wandika mutuzu), niba ari umunyamahanga ufite ubwenegihugu burenze bumwe, andika mu mwanya wateganijwe izina ry'igihugu yahisemo.

Ku mwana wandika ubwenegihugu bwa se.

**P09: Aho yari atuye mbere**
**(Ku ntonde z'ibibazwa zagenewe ingo zisanzwe n'ibigo bituwe)**
***Baza: [Izina] yari atuye he mbere yo kuza hano?***
Ni Akarere ubarurwa yabayemo mbere yuko aza gutura aho bamubarurira. Niba aho yabaga mbere hari mu Rwanda, andika izina ry'intara n'akarere. Niba aho yabaga ari mu mahanga, andika izina ry'igihugu yabagamo.
Kubera ko imbibi z'uturere zagiye zihindagurika, ni ngombwa ko tumenya komini cg akarere ubazwa yari atuyemo mbere yo guhinduka kw'imbibi bityo hifashishijwe urutonde rw'uturere rushya andika izina ry'Akarere muri iki gihe tugezemo ukurikije aho ako karere cg komini ya cyera iherereye.

**P10. Igihe amaze ahatuye**
***Baza: [Izina] amaze igihe kingana iki atuye muri aka karere ?***
Niba ubarurwa igihe amaze atuye muri ako karere kiri munsi y'umwaka andika |0_|0_|0_|, ukomeze ku kibazo gikurikira.

Niba ubarurwa atarimutse mu karere yavukiyemo andika mu tuzu |_9__|_9__|_9__|, ukomeze ku kibazo gikurikira.

Niba ubarurwa yarimutse, igihe amaze muri ako karere kirenze umwaka andika imyaka ahamaze mu tuzu twateganyijwe, ukomeze ku kibazo gikurikira.

Genzura niba imyaka y'ubarurwa ijyanye n' imyaka amaze aho abarurirwa, urugero: imyaka y'ubarurwa igomba kuba iri hejuru y'imyaka ubarurwa amaze aho ahatuye.

**P11: Idini**

***Baza: Idini rya [Izina] ni irihe?***

Idini ni itsinda ry'abantu bahuje ukwemera ku buryo bwihariye no gusenga gushingiye ku mahame n'imihango igendanye n'imyemerere yabo.

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo cyatanzwe kuri nyir'urugo no kuri buri wese uba mu rugo.

Ibisobanuro n'imibare y'ibisubizo y'amadini n'ibi bikurikira:

1. **Abagatorika:** Abagendera ku mahame ya Kiriziya gatolika kandi bemera Papa nk'umushumba mukuru wa kiriziya.
2. **Abaporoso:** Amatorero yishyize hamwe ava kuri kiriziya gatorika, urugero: abangirikani, abaperesebuteriyene, abametodisite, ababatista n'abandi.
3. **Abadivantisiti b'umunsi wa karindwi:** Ni abakiristu batandukanye n'abandi bakirisitu kubera uburyo bahimbaza umunsi w' isabato.
4. **Abayisilamu:** Abemera Imana imwe n'intumwa yayo Muhammad
5. **Abahamya ba Yehova:** itorero ry'abakiristu bashyira imbere izina ry'Imana "Yehova"
6. **Idini gakondo:** Abambaza izindi mana nka Ryangombe na Nyabingi, n'izindi ..
7. **Abadafite idini (abapagani/abahakanyi):** Aba ni abatemera imana izo arizo zose, nta nubwo bakurikira amahame y'idini iryo ariryo ryose.
8. **Andi madini:** amadini atari ayavuzwe haruguru, urugero: ababuda, ababahayi, abahindi n'andi

Ku birebana n'abana bato batari bagera igihe cyo kubatizwa, icyo gihe uhitamo idini ry'ababyeyi. Iyo ababyeyi bombi bari mu madini atundukanye, ni ngombwa kubaza idini rya buri mwana. Ca akaziga ku bisubizo uhabwa hatabayeho impaka. Iyo ubazwa yanze gusubiza iki kibazo, nta mpaka zigomba kubaho ahubwo ca akaziga ku mubare "7" bivuga nta dini afite.

**P12: Ubumuga**

***Baza: [Izina] yaba afite ubumuga buvuzwe aha hasi? Niba ari yego, yabutewe n'iki?***

Ubumuga: bivuga kugira ubumuga bw'umubiri, ubuhumyi cg ubumuga bwo kutabona, ubumuga bwo mu mutwe, cg ubundi bumuga, bwaba kutabona, kutumva cg ubumuga bwo ku mubiri, ku buryo bugira ingaruka za burundu ku mibereho ya buri munsi y'ubana

n'ubumuga.

Imibare ijyanye n'ubumuga ndetse n'impamvu zabwo n'iyi ikurikira:

| **Ubumuga (D)** | **Impamvu(C)** |
|---|---|
| 1. Kutabona | 1. Yarabuvukanye |
| 2. Kutumva | 2. Indwara |
| 3.Kutavuga | 3. Impanuka |
| 4.Bw'amaguru/amaboko | 4. Intambara/Mine |
| 5.Bwo mumutwe | 5. Jenoside |
| 6.Ubundi | 6. Ntabizi |
| | 7. Indi |

**1. Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ingo zisanzwe**

Huza umubare ugendanye n'ubumuga ubazwa afite n' umubare ugendanye n'impamvu yateye ubumuga uyicaho akaziga kandi ubyandike mu tuzu twabugenewe uhereye ku tuzu tubanza (akazu ka mbere kabanza kandikwamo ubumuga akagakurikiye kandikwamo impamvu yateye ubumuga).

**Urugero:** Niba umuntu afite ubumuga bwo kutabona yarabutewe n'indwara akaba kandi yaramugaye akaguru/amaguru cyangwa ukuboko/amaboko yarabuvukanye uzandika gutya:

| D | C | D | C |
|---|---|---|---|
| 1 | 2 | 4 | 1 |

**Icyitonderwa;**

1.Niba ubarurwa afite ubundi bumuga butavuzwe haruguru , uzandika 6 mu kazu kabanza, impamvu yateye ubumuga wandike 7 mu kazu kagenewe kuzuzwamo impamvu (akazu gakurikira akagenewe kuzuzwamo ubumuga).

2.Niba ubarurwa nta bumuga afite, andika 0 muri D ibanza ujye kuri P13.

3. Niba ubarurwa afite ubumuga runaka cyangwa bwinshi uzabwandika mu tuzu uhereye ku kazu ka mbere kabanza, nurangiza kuzuza imibare iranga ubumuga wabwiwe bwose, akazu ka D ikurikira uzuzuzamo zero utundi dusigaye nta kintu uzuzuzamo, uhite ukomeze ujye kuri P13.

**Tugendeye ku rugero rwatanzwe hano hejuru kuri iki kibazo uzandika mu tuzu gutya :**

| D | C | D | C | D |
|---|---|---|---|---|
| 1 | 2 | 4 | 1 | 0 |

**2.Urutonde rw'ibibazwa rwagenewe ibigo bituwe**

Mu ntonde z'ibibazwa zagenewe ibigo bituwe, umukarani w'ibarura ntagomba guca

akaziga ku bumuga n'impamvu yabuteye ubazwa afite, ahubwo yandika Imibare iranga bwa bumuga n'impamvu yabwo yabwiwe akabyandika mu tuzu twabugenewe .

**Urugero:** Niba umuntu afite ubumuga bwo kutabona yarabutewe n'indwara akaba kandi yaramugaye akaguru/amaguru cyangwa ukuboko/amaboko yarabuvukanye uzandika gutya:

| D | C | D | C |
|---|---|---|---|
| 1 | 2 | 4 | 1 |

**Icyitonderwa;**

1. Niba ubarurwa afite ubundi bumuga butavuzwe haruguru , uzandika 6 mu kazu kabanza, impamvu yateye ubumuga wandike 7 mu kazu kagenewe kuzuzwamo impamvu (akazu gakurikira akagenewe kuzuzwamo ubumuga).
2. Niba ubarurwa nta bumuga afite, andika 0 muri D ibanza ujye kuri P17.
3. Niba ubarurwa afite ubumuga runaka cyangwa bwinshi uzabwandika mu tuzu uhereye ku kazu ka mbere kabanza, nurangiza kuzuza imibare iranga ubumuga wabwiwe bwose, akazu ka D ikurikira uzuzuzamo zero utundi dusigaye nta kintu uzuzuzamo, uhite ukomeze ujye kuri P17.

**Tugendeye ku rugero rwatanzwe hano hejuru kuri iki kibazo uzandika mu tuzu gutya :**

| D | C | D | C | D |
|---|---|---|---|---|
| 1 | 2 | 4 | 1 | 0 |

**P.13. Ubwishingizi bw'ubuzima**

***Baza: [Izina] afite ubuhe bwishingizi bw'ubuzima?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe. Niba ubazwa afite ubwishingizi burenze bumwe, hafatwa ubwo akoresha cyane kurusha ubundi.

1. Mitiweli
2. RAMA: Ubwishingizi bw'abakozi ba Leta
3. MMI: Ubwishingizi bw'Abasirikari
4. FARG: Ikigega kigenewe gutera inkunga Abacitse ku icumu rya Genoside yakorewe abatutsi mu 1994 batishoboye.
5. Ikigo cy'ubwishingizi
6. Ishuri
7. NGOs: imiryango itegamiye kuri Leta
8. Umukoresha
9. Ntabwo
10. Ubundi bwishingizi

**Urugero;**
Niba ari mitiweli ca akaziga kuri "1"
Niba ari RAMA ca akaziga kuri "2"
Niba ari FARG ca akaziga kuri "4"

## KUVA P14 KUGERA P15 BIREBA ABAFITE MU NSI Y'IMYAKA 18

**P14a.Kubaho kw'ababyeyi n'aho batuye**
***Baza: Nyina wa [Izina] aracyariho?***
Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe.
Niba ari yego, ca akaziga kuri "1";
niba ari oya, ca akaziga kuri "2";
niba usubiza atabizi ca akaziga kuri "3"

**P14b. Niba ari yego, Nyina wa [Izina] atuye muri uru rugo?**
Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe.
Niba ari yego, ca akaziga kuri "1";
niba ari oya, ca akaziga kuri "2";

**P14c. Se wa [Izina] aracyariho?**
Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe.
Niba ari yego, ca akaziga kuri "1";
niba ari oya, ca akaziga kuri "2";
niba usubiza atabizi ca akaziga kuri "3"

**P14d.Niba ari yego, se wa [Izina] atuye muri uru rugo?**
Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe.
Niba ari yego, ca akaziga kuri "1";
niba ari oya, ca akaziga kuri "2";

**P15: Kwandikwa mu irangamimerere**
***Baza: [Izina] yandikishijwe mu biro by'irangamimerere?***
Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe.
niba ari yego, ca akaziga kuri "1",
niba ari oya ca akaziga kuri "2"
niba usubiza atabizi ca akaziga kuri "3".

**Icyitonderwa:** Umukarani w'ibarura agomba gusobanurira ubazwa aho bandikishiriza abana bakivuka, kera bandikishirizwaga ku biro by'akarere n'icyahoze ari komine, muri iki gihe basigaye bandikishirizwa ku biro by'umurenge.

## IBIBAZWA ABATUYE MU RUGO BAFITE NIBURA IMYAKA 3 Y'AMAVUKO

**P16. Kwandika no Gusoma**

***Baza: Ese (izina) azi gusoma, kwandika no kumva indimi zikurikira?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'ururimi ubazwa abasha gusoma, kwandika no kumva. Niba azi gusoma kwandika no kumva ururimi rumwe, ca akaziga ku mubare w'urwo rurimi azi gusoma, kwandika no kumva.

| | |
|---|---|
| Ikinyarwanda | 1 |
| Igifaransa | 2 |
| Icyongereza | 4 |
| Izindi | 8 |
| Nta na rumwe | 0 |

Niba azi gusoma, kwandika no kumva indimi nyinshi, ca akaziga ku mibare ijyanye nizo ndimi azi gusoma, kwandika no kumva.

Shyira mu tuzu igiteranyo cy'imibare yaciweho akaziga mu tuzu twabugenewe.

Urugero umuntu uzi gusoma, kwandika no kumva icyongerza n'ikinyarwanda

| | | | Igiteranyo |
|---|---|---|---|
| Ikinyarwanda | 1 | {1+4} → | 0 \| 5 |
| Icyongereza | 4 | | |

**P17.Kugera mu ishuli**

***Baza: Ese [Izina] yaba yarageze mu ishuli?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe. Ikibazo P17 kigamije kumenya niba ubarurwa yarize, yiga cyangwa atarageze mu ishuli .

1. Ntiyegeze ajya mu ishuli → P20
2. Yageze mu ishuli
3. Aracyari mu ishuli

***1. Mu ntonde z'ibibazwa zagenewe ingo zisanzwe***

Niba igisubizo ari "Ntiyigeze ajya mu ishuli", ca akaziga kuri "1" hanyuma ukomeze ku kibazo P20.

Niba igisubizo ari "Yageze mu ishuli" ca akaziga kuri "2" ukomeze ku kibazo gikurikira

Niba igisubizo ari "Na n'ubu aracyari mu ishuli", ca akaziga kuri "3" ujye ku kibazo gikurikira

***2. Mu Ntonde z'ibibazwa zagenewe ibigo bituwe***

Niba igisubizo ari "Ntiyegeze ajya mu ishuli", ca akaziga kuri "1" hanyuma ukomeze ku kibazo P29.

Niba igisubizo ari “Yageze mu ishuli” ca akaziga kuri “2” , ukomeze ku kibazo gikurikira
Niba igisubizo ari “Aracyari mu ishuli”, ca akaziga kuri “3”, ukomeze ku kibazo gikurikira.

**P18a: Icyiciro cy’amashuli**

***Baza: Ni ikihe cyiciro cy’amashuli gisumba ibindi [Izina] yize?***

***1. Mu Ntonde z’ibibazwa byagenewe urugo rusanzwe***

Ca akaziga ku mubare w’icyiciro cy’amashuli ubazwa yize.

Urugero: Niba ubazwa yaragarukiye mu mwaka wa gatandatu w’amashuli abanza ca akaziga ku mubare 1 bigaragaza icyiciro yize.

***2. Mu Ntonde z’ibibazwa byagenewe ibigo bituwe***

Mu ntonde z’ibibazwa zagenewe ibigo bituwe, umukarani w’ibarura ntagomba guca akaziga ku cyiciro ubazwa yize, ahubwo yandika umubare uranga icyiciro ubazwa yize mu kazu kabugenewe.

**Urugero:** Niba ubazwa yaragarukiye mu mwaka wa gatandatu w’amashuli abanza andika |__1__| bigaragaza icyiciro yize,

**P18b: Imyaka yatsinze**

***Ni imyaka ingahe [izina] yarangije muri icyo cyiciro atsinze?***

***1. Mu ntonde z’ibibazwa byagenewe urugo rusanzwe***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n’imyaka ubazwa yarangije atsinze.

Urugero: Niba ubazwa yiga cyangwa se akaba yaragarukiye mu mwaka wa gatandatu w’amashuli abanza ca akaziga ku mubare 5 bigaragaza imyaka yarangije atsinze.

***2. Mu ntonde z’ibibazwa byagenewe ibigo bituwe***

Mu ntonde z’ibibazwa zagenewe ibigo bituwe, umukarani w’ibarura ntagomba guca akaziga ku mwaka ubazwa yarangije atsinze, ahubwo yandika umubare ujyanye n’umwaka ubazwa yarangije atsinze mu kazu kabugenewe.

Urugero: Niba ubazwa yiga cyangwa se akaba yaragarukiye mu mwaka wa gatandatu w’amashuli abanza andika |__5__| bigaragaza umwaka yarangije atsinze.

**P19: Impamyabushobozi isumba izindi**

***Baza: Ni iyihe mpamyabushobozi isumba izindi [Izina] afite?***

Impamyabushobozi zivugwa aha ni ukuvuga guhera ku cyiciro cy’amashuri yisumbuye kugeza ku zitangwa n’amashuli makuru ndetse na za kaminuza. Ca akaziga ku mubare ijyanye n’igisubizo uhawe.

**Urugero :**

Niba ari ntayo, ca akaziga kuri **“0”**
Niba ari licence cyangwa (A0), ca akaziga kuri **“6”**
Niba ari maitrise, ca akaziga ku mubare **“7”** bityo.

## BIREBA ABATUYE MU RUGO BAFITE GUHERA KU MYAKA 5 KUZAMURA

**P20. Umurimo**

***Baza: Uretse imirimo yo mu rugo, [Izina] yaba yarakoze nibura isaha 1 mu minsi 7 yabanjirije ijoro ry'ibarura (Ni ukuvuga hagati y'italiki 8 na 14 Kanama 2012)?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe.

Niba ari yego, ca akaziga kuri 1, hanyuma ukomereze ku kibazo P25

Niba ari oya, ca akaziga kuri 2 hanyuma ukomereze ku kibazo P21

**Icyitonderwa :** Umurimo uvugwa aha, ni umurimo ubyara inyungu

**P21. Impamvu yo kudakora umurimo**

***Baza ngo: Kuki [Izina] atakoze mu minsi 7 yabanjirije ijoro ry'ibarura (Ni ukuvuga hagati y'italiki 8 na 14 Kanama 2012)?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe.

Imibare y'ibisubizo n'iyi ikurikira:

0. Umufasha mu mirimo yo mu rugo
1. Ntakora(Ntiyigeze akora)
2. Ntakora(yigeze gukora)
3. Ari muri konji, arakora → P25
4. Ari mu kiruhuko cy'izabukuru
5. Ubusaza
6. Ni umunyeshyuli
7. Indi (Kuyivuga)……………………….

**Icyitonderwa:** Niba umubare w'igisubizo ari 3 jya kuri P25,
Niba umubare w'igisubizo ari 4, 5 cyangwa 6 jya kuri P23

**P22: Niba yarakoraga**

***Baza: Ese [Izina] yaba yarakoze imirimo ikurikira mu minsi 7 yabanjirije ijoro ry'ibarura (Ni ukuvuga hagati y'italiki 8 na 14 Kanama 2012)?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo wahawe.

Imibare y'ibyiciro by'umurimo n'iyi ikurikira:

1. Guhinga/Kuragira/kuroba
2. Gukora ibintu bitandukanye
3. Serivisi/ Ubucuruzi
4. Gukora mu rugo rw'umuntu
5. Gukora mu rugo rwe
6. Nta numwe

Niba umubare w'igisubizo ari 1, 2, 3 cyangwa se 4 komeza ku kibazo cya P25

**P23. Kwitegura gukora umurimo**

***Baza: Ese [Izina] yaba yiteguye gukora?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo wahawe.

Niba ari yego, ca akaziga kuri 1 ukomeze ku kibazo gikurikira

Niba ari oya, ca akaziga kuri 2 hanyuma uhite ujya ku kibazo P29

**P24. Gushakisha akazi**

***Baza: Ese[Izina] yaba yarashakaga akazi mu minsi 7 yabanjirije ijoro ry'ibarura (Ni ukuvuga hagati y'italiki 8 na 14 Kanama 2012)?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo wahawe.

Niba ari oya, ca akaziga kuri "0" hanyuma ujye ku kibazo P29

Niba ari yego akaba aribwo bwa mbere ubazwa ashaka akazi ca akaziga kuri "1" hanyuma ujye ku kibazo P29

Niba ari yego, akaba ari akazi gashya ashaka ariko akaba yarigeze gukora mbere yaho, ca akaziga kuri "2" ukomeze ku kibazo gikurikira

## BIREBA ABATUYE MU RUGO BAKORA CYANGWA BIGEZE GUKORA

**P25. Umurimo w'ingenzi**

***Baza : Ni uwuhe murimo w'ingenzi [Izina] yakoraga mu minsi 7 yabanjirije ijoro ry'ibarura (Ni ukuvuga hagati y'italiki 8 na 14 Kanama 2012) cyangwa igihe aherukira gukora?***

Umurimo w'ingenzi ubazwa akora mu minsi 7 yabanjirije ijoro ry'ibarura cyangwa mu gihe aheruka gukora. Andika ahabugenewe umurimo ubarurwa yakoraga mu minsi irindwi yabanjirije ibarura cyangwa igihe aherukira gukora.

**Icyitonderwa:**

Ntugomba kwandika igisubizo kituzuye, urugero: "umwarimu" gusa, "umushoferi", "umutekenisiye". Koresha amagambo abili cyangwa atatu mu kugaragaza umurimo w'ingenzi ubazwa akora, bitabaye ibyo byaba bigoye kumenya umurimo w'ingenzi ababazwa bakora. Ahubwo andika uti: "umwarimu mu mashuli abanza", "umujaridiniye wikorera", umworozi w'amatungo maremare, umukozi wo mu rugo, umushoferi wa taxi, umutekenisiye mu by'itumunaho, umucuruzi w'imigati, umuhinzi w'umuceli, n'ibindi……….

**P26: Uburyo umurimo ukorwamo**

***Baza: Ese [Izina] uwo murimo yawukoraga mu buhe buryo?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe

1. **Umukozi:** ni ukuvuga ukora agahembwa yaba akorera leta, ibigo bigengwa na

leta, abikorera ku giti cyabo, imiryango idashamikiye kuri leta, n'imiryango idaharanira inyungu nka kiriziya n'ibindi. Icyi cyiciro kirimo abakozi bakora cyangwa bakoraga mu buryo buhoraho bahembwa buri kwezi ndetse n'abakozi bahamagarwa mu gihe bakenewe igihe umurimo bamuhamagariye urangiye bakamusezerera; bakaba bagizwe n' abanyamushahara b'igihe gito naba nyakabyizi.

2. Umukoresha: umukoresha ufite cyangwa wari ufite abakozi ahemba umushahara cyangwa igihembo icyo aricyo cyose mu gihe kirenze amezi atandatu.
3. Uwikorera ku giti cye: uyu ni umuntu ufite entereprise ye, haba mu rwego rw'ubucuruzi, cyagwa se undi mwuga. Umushahara we cyangwa igihembo kijyana n'inyungu iva mu bikorwa yakoze. Ashobora kuba ari wenyine cyangwa afite abandi bantu bamufasha adahemba.
4. Umufasha mu rugo: Ni ukuvuga bamwe mu baba mu rugo bakora imirimo inyuranye yo mu rugo badahembwa mu gihe cy'iminsi 7 ibanziriza ijoro ry'ibarura.
5. Umunyamuryango wa Koperative: umunyamuryango wa koperative n'umwe mu bagize koperative kandi akaba yarayikorereye mu gihe cy'iminsi 7 yabanjirije ijoro ry'ibarura.
6. Undi : aha ni ukuvuga ubundi buryo bwose butari mu byiciro byavuzwe haruguru (kubuvuga)

Niba niba ari umukoresha , ca akaziga kuri **"2"**
Niba ari uwikorera ku giti cye, ca akaziga kuri **"3"**
Niba ari umunyamuryango kandi akanakorera ishyirahamwe abereye Umunyamuryango, ca akaziga kuri **"5"**

**P27: Ishami ry'umurimo**

***Baza :Aho (izina) akora cyangwa yakoraga bakora iki ?***

Iki kibazo kireba abafite nibura imyaka 5 y'amavuko, bafite akazi bakora cyangwa se bakigeze.

Andika izina ry'icyo bakora (ishami ry'umurimo) ukurikije ikigo cyangwa akazi gakorerwa aho ubazwa akorera cyangwa yakoreraga.

**Ingero z'amashami y'imirimo akunze kuboneka mu Rwanda:.**

***1. Mu buhinzi n'ubworozi***

- Ubuhinzi bwa byose
- Ubworozi bw'inzuki
- Ubworozi
- Uburobyi
- Ubuhigi
- Gutera amashyamba n'ibindi

***2. Mu gucukura amabuye y'agaciro***

- Zahabu
- Worufaramu
- Gasegereti
- Koruta

***3. Mu nganda :***

- Gusatura imbaho ;
- Ububaji ;
- Gukora imigati ;
- Gukora ibindi byose biva mu mafu ;
- Ibinyamavuta ;
- Gutunganya icyayi ;
- Imirimo y'ububoshyi ;
- Icapiro ;
- Ububumbyi ;
- Ubucukuzi ;
- Ubukorikori ;
- Ibindi ;

***4. Amashanyarazi, gazi n'amazi***

Gukora no gutanga umuriro w'amashanyarazi

Gutunganya gazi ivamo amashanyarazi

- Gutunganya no gutanga amazi
- Ibindi

***5. Ubwubatsi n'imirimo ya Leta :***

- Ubwubatsi  bw'imihanda n'amateme ;
- Ubwubatsi bw'amazu ;
- Imirimo yerekeye amazi ;
- Ibindi

***6. Ubucuruzi, utubari tw'ibiryo n'amahoteli***

- Aho bacuruza ibiribwa, inyama na za butiki ;
- Amasoko
- Aho banyweshereza lisansi;
- Restora(aho bacururiza ibiryo)
- Akabari k'inzoga;
- Ibindi.

***7. Gutwara ibintu n'abantu, aho babika ibintu n'itumanaho:***

- Gutwara abantu ku butaka no gukodesha amamodoka
- Aho babika ibicuruzwa;
- Ibindi(taxi, Aprotam,….).

***8.Banki, ubwishingizi:***

- Banki,
- Isanduku y'ubwiteganyirize bw'abakozi
- Ibigo by'ubwishingizi;
- Ibindi (Banki z'amashyirahamwe nka Duterimbere, microfinance……)

***9. Imirimo ikorerwa rubanda, imirimo yerekeye imibereho myiza y'abaturage:***

- Inzego z'ubutegetsi bwa Leta;
- Uburezi;
- Uburezi bwigenga;
- Ingabo z'igihugu;
- Ubudozi bw'inkweto;
- Gusana ibikoresho bikoreshwa n'amashanyarazi;
- Gukora imodoka, amapikipiki n'amagare;
- Inzu batunganyirizamo imisatsi;
- Inzu bafotoreramo;
- Abantu bakora imirimo yo mu rugo(ababoyi, abayaya, abanyabusitani);
- Ibikorwa bigoboka abatishoboye;
- Imiryango y'abihaye imana;
- Ibitaro,ibigo by'ubuzima;
- Ibindi.

**P28: Urwego rw'umurimo**

***Baza: Uwo murimo [Izina] akora /yakoraga awukorera nde?***

Urwego rw'umurimo, bishingiye ku itegeko, n'uburyo bw'imikorere, gahunda, imyitwarire ndetse n'intego zigendanye n'umurimo ikigo gikora.

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe.

1. **Leta:** ni ukuvuga ko abari muri uru rwego ari abakozi ba leta bari mu butegetsi bwite bwa leta, mu bigo bigengwa na leta, mu nzego z'ibanze z'ubuyobozi, baba ari bari mu mirimo y'ubuyobozi, imicungire y'abantu n'ibintu, mu bujyanama, mu mirimo ijyanye n'umwuga ndetse n'imirimo yo gushyira mu bikorwa ibyemezo bya leta;
2. **Abikorera :** abikorera ku giti cyabo bagizwe n'abantu bafite imirimo ikomeye nk'inganda, ibigo by'ubucuruzi cyangwa se abakora imirimo iciriritse (ubuhinzi, ubworozi, cyangwa ubundi bukorikori).

3. **Abadaharanira inyungu:** abakorera abaturage (urugero, kiriziya, amashyirahamwe y'imyuga, amahuriro (clubs) ku byerekeye umuco na siporo, imiryango y'abagiraneza, ndetse n'amashyirahamwe atera inkunga abatishoboye) ifasha, ikanatera inkunga imiryango ku buntu cyangwa se ku giciro gito cyane kandi iyo inkunga batanga iva mu bushake bwabo.
4. **Urugo:** aha hakubiyemo abakozi bakora imirimo yo mu rugo bakaba bayihemberwa.

## BIREBA ABATUYE MU RUGO BAFITE NIBURA IMYAKA 12 Y'AMAVUKO

**P29: Irangamimerere**

***Baza:Ese irangamimerere ya (Izina) ni iyihe?***

Ca akaziga ku mubare ugendanye n'igisubizo gitanzwe. Igisubizo gitanzwe n'ubarurwa kigomba kwemerwa uko agitanze.

1. **Ingaragu:** Umuntu w'igitsina gore/gabo utarigeze ashaka; abakobwa cyangwa abahungu babyariye iwabo bafite abana ariko batigeze bashakana n'abagore cyangwa abagabo bafatwa nabo nk'ingaragu.
2. **Yarashatse :** Umugabo/umugore ubana n'umugore/umugabo. Gushakana bishobora kuba ku buryo bwemewe n'amategeko, ku buryo bukurikije imihango y'idini, cyangwa ku buryo gakondo aho abashakanye babana hamwe nk'umugore n'umugabo
3. **Yarahukanye :** Uwatandukanye by'agateganyo n'uwo bashakanye.
4. **Umupfakazi:** Umugabo cyangwa umugore wapfushije uwo bashakanye ariko akaba atarashaka undi.
5. **Yaratandukanye:** Uwatandukanye burundu nuwo bashakanye

**Icyitonderwa:**

Niba ubazwa ari igitsina gore akaba ari ingaragu atarigeze ashaka jya ku kibazo cya P33
Niba ubazwa (gabo cyangwa gore)"Umupfakazi/yaratandukanye" jya ku kibazo cya P32
Niba ubazwa ari igitsina Gabo kandi akaba ari ingaragu, jya ku muntu ukurikira niba ahari, niba ntawe jya ku gika kirebana n'imiturire.

**P30: Umubare w'abagore afite (Iki kibazo kibazwa umuntu w'igitsina gabo wasubije ko abana n'umugore (yarashatse) cyangwa yarahukanye)**

***Baza: [Izina] yaba afite abagore bangahe?***

Andika umubare w'abagore afite mu kazu kabugenewe.

**Urugero:** Niba afite abagore 2 andika mu kazu mu buryo bukurikira | 2 |

**P31: Umugore wa kangahe (Iki kibazo kibazwa umuntu w'igitsina gore wasubije ko abana n'umugabo (yarashatse) cyangwa yarahukanye)**

***Baza: [Izina] yaba ari umugore wakangahe w'uyu mugabo?***

Andika mu kazu kabugenewe umubare ugararagaza umwanya w'urushako wuwo mugore ku Mugabo we.

**Urugero:** Niba ari umugore wa 2, andika mu kazu mu buryo bukurikira | 2 |

**P32: Imyaka y'amavuko ku rushako rwa mbere**

***Baza: Ese [Izina] yaba yarashatse bwa mbere afite imyaka ingahe y'amavuko?***

Uzuza imyaka mu tuzu twagenwe ukoresheje imibare yuzuye.

**Urugero:** niba ubarurwa yarashatse bwa mbere afite imyaka 29 andika mu tuzu 29 kuri ubu buryo: | 2 | 9 |

**Icyitonderwa:** Niba ubazwa atazi / atibuka imyaka yarafite ashaka bwa mbere, andika 99 mu tuzu kuri ubu buryo | 9 | 9 |

## KUVA KURI P33-P36: BIBAZWA ABABA MU RUGO B'IGITSINA GORE BAFITE BYIBURA IMYAKA 12 Y'AMAVUKO

**P33. Baza: Abana [Izina] yabyaye ari bazima ni bangahe?**

Abagore benshi ntibakunda gutanga amakuru kubirebana n'imbyaro babyaye. Bikaba biterwa ni impamvu nyinshi, ariko intego ni ukubona igisubizo kuri iki kibazo. Birasaba gukoresha uburyo bwose ariko harimo ubwitonzi n'ikinyabupfura kugirango ubone igisubizo kuri iki kibazo.

Umwana uvutse ari muzima, ni umwana wavutse agaragaza ibimenyetso byerekana ubuzima bikurikira:

- Guhumeka;
- Gutera k'umutima;
- Kurira cyangwa kuniha;
- Kunyeganyega kw'imbavu ndetse n'ibindi bice by'umubiri.

Ibarura ryita cyane cyane ku bana bavuka ari bazima. Ni mu urwo rwego, utagomba gushyiramo abana bapfa batari bagejeje igihe cyo kuvuka ndetse n'abavuka bapfuye ku buryo baterekana ibimenyetso by'ubuzima mu gihe bavuka.

- Uzuza umubare w'abana b'abahungu mu tuzu twabugenwe
- Uzuza umubare w'abana b'abakobwa mu tuzu twabugenwe
- Niba nta mwana andika 00 kuri buri gitsina, ni ukuvuga abana b'abakobwa n'aba bahungu noneho ukomeze ku muntu ukurikiye.

**P34: Abana bavutse na nubu bakiriho**

***Baza :Muri abo bana ni bangahe bakiriho?***

- Uzuza mu tuzu, umubare w'abana b'abahungu bakiriho twagenewe abana b'abahungu.
- Uzuza umubare w'abana b'abakobwa bakiriho mu tuzu twagenewe abakobwa.
- Niba nta bana bavutse cyangwa se baravutse bakaba bose nta numwe ukiriho, andika "|_**0**_|_**0**_| " mu tuzu twagenwe.
- Ku bagore usanze ari abatware b'ingo, ugomba kugenzura aya makuru ku kibazo P02 (isano afitanye na nyir'urugo) no ku kibazo P03 (igitsina).
- Niba urugero, umugore afite abana 2 b'abahungu n'abana 2 b'abakobwa, andika "|_**0**_|_**2**_| ", mu tuzu duteganirijwe abana b'abahungu hanyuma na none wandike "|_**0**_|_**2**_| " ahateganirijwe kwandikwa umubare w'abakobwa..

**P35: Abana bavutse ari bazima mu mezi 12 ashize?**

***Baza: Abana [Izina] yabyaye ari bazima mu mezi 12 ashize ni bangahe (15/8/2011-15/8/2012)?***

- Andika umubare w'abana b'abahungu bavutse muri ayo mezi 12 ashize mu tuzu twagenwe .
- Andika umubare w'abana b'abakobwa bavutse muri icyo gihe mu tuzu twagenwe.

**P36: Abana bavutse ari bazima mu mezi 12 ashize bakiriho:**

***Baza: Muri abo bana, abakiriho ni bangahe?***

Baza buri mugore (cyangwa umukobwa wabyariye iwabo) mu bana yabyaye mu mezi 12 ashize, abakiriho ni bangahe?

- Andika umubare w'abana b'abahungu bakiriho mu tuzu twagenwe
- Andika umubare w'abana b'abakobwa bakiriho mu tuzu twagenwe.
- Niba nta bana bamuvutseho mu mezi 12 ashize, andika (0) mu kazu gateganijwe.

Umwana wavutse nyuma y'ijoro ry'ibarura ntabwo abarurwa.

**Icyitonderwa :**

1. Abana bavutse na nubu bakiriho ntibagomba kuruta umubare w'abana bose bavutse ari bazima.
2. Ugomba gukora ibishoboka ukamenya niba nta mwana wavutse ari muzima akaba asigaye atabaruwe. Baza ibi bibazo bitandukanye kugirango umenye niba ntawe: " Hari abandi bana banyu bibera ahandi(batari hano)?"Bari ku kazi?" "Bibera muri bene wabo?" nahandi..
3. Ukimara kuzuza urutonde rw'ibibazwa ku byerekeye abatuye mu rugo bose, jya ku gika H niba urangije umuntu wa nyuma mu bagize urugo.

# IGIKA H: IMITURIRE

### 5.3.5.Kuzuza ibibazo bijyanye n' imiturire

Ibi bibazo bibazwa nyir'urugo cyangwa umuhagarariye:

**H01 : Imiturire**

Ca akaziga ku gisubizo uhawe. Hano ni ngombwa ko umukarani w'ibarura asobanukirwa bihagije buriya buryo butandatu (6) bw'imiturire tubona ku kibazo H01.

1. **Umudugudu:** Ni amazu yubatse hamwe kubera politike nshya yo gutuza abantu hamwe;
2. **Urusisiro:** Ni amazu yubatse hamwe yagenewe gutuza abantu hamwe mu rwego rwo kuborohereza imirimo kubera ko bakoreraga ikigo kimwe cyangwa bafite umushinga umwe. **Ingero:** urusisiro rwa ISAR, Insisiro muri payzana
3. **Uburyo bwitaruye:** Amazu yubatse atatanye
4. **Uburyo bwa kadasitere:** Ni inzu zubatse ku muhanda, mu bibanza byateganyijwe byubahiriza amabwiriza yerekeye imiturire mu mijyi.
5. **Akajagari:** Ni amazu yubatse mu mijyi acucitse kandi atubahirije amabwiriza y'umujyi;
6. **Ubundi buryo bw'imiturire:** Ubundi buryo bwose butasobanuwe haruguru. (buvuge Ahasigaye umukarani aca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo ahawe

**urugero :** uburyo bwitaruye

**H02 : Imiterere y'inzu**

Ca akaziga ku gisubizo uhawe muri ibi bitanu bikurikira

1. Inzu ituwe n'urugo rumwe
2. Inzu ituwe n'ingo nyinshi
3. Igorofa ituwe n'urugo rumwe cyangwa ingo nyinshi
4. Amazu menshi mu rupangu rumwe atuwe n'ingo nyinshi
5. Ubundi buryo bw'imiterere y'inzu(buvuge)

**H03 : Uburyo inzu ituwemo**

Ikibazo kigamije kumenya uburyo inzu ituwemo.

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe muri ibi bikurikira:

1. Iye bwite
2. Arakodesha
3. Yishyura ubukode izaba iye
4. Acumbikiwe ku buntu
5. Acumbikiwe n'umukoresha
6. Inkambi
7. Ubundi buryo(kubuvuga)

**H04 : Ibisakaye inzu**

***Iyi nzu isakajwe n'ibihe bikoresho by'ubwubatsi?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe muri ibi bikurikira:

1. Amabati
2. Amategura asanzwe
3. Amategura mvaruganda
4. Asbestos
5. Beto
6. Shiting/karito
7. Ibyatsi
8. Ibindi bikoresho(kubivuga)

**Icyitonderwa:** Niba inzu ari igorofa, andika ibisakaye igorofa ya nyuma

**H05 : Ibyubatse inkuta**

***Inkuta z'iyi nzu zubakishijwe ibihe bikoresho?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe muri ibi bikurikira:(aha ureba ibyiganje)

1. Ibiti n'icyondo
2. Ibiti na sima
3. Rukarakara
4. Shiting/karito
5. Buroki sima na beto
6. Amabuye
7. Imbaho
8. Amatafari ahiye
9. Ibindi(kubivuga).....................................

**H06 : Ibishashe hasi mu nzu.**

***Muri iyi nzu ni ibihe bikoresho bishashe hasi?***

Reba ibikoresho bishashe hasi ntushidikanya wandike ibyo ureba

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe muri ibi bikurikira:

1. Itaka
2. Beto
3. Amabuye
4. Amatafari ahiye
5. Imbaho
6. Ibindi(kubivuga).............................................

**H07 : Umubare w'ibyumba**

Iyi nzu ifite ibyumba bingahe, ushyizemo ubwogero,imisarane, coridoro n' igaraji?

Andika umubare w'ibyumba mu tuzu twabugenewe.

**Icyitonderwa:** Igihe hari andi mazu yo hanze ararwamo n'abana cyangwa abandi bavandimwe ba nyiri urugo, bakaba batekera hamwe, ibyumba byayo mazu yohanze nabyo bibarwa ku nzu ya nyiri urugo .

**H08 : Umubare w'ibyumba birarwamo**

***Ibyumba byo kuryamamo ni bingahe?***

Andika umubare w'ibyumba birarwamo mu tuzu twabugenewe

**H09 : Umubare w'abantu barara mu nzu**

***Abantu basanzwe barara muri urugo ni bangahe?***

Andika umubare w'abantu barara muri urwo rugo mu tuzu twabugenewe.

**H10 : Aho amazi akoreshwa ava**

***Akenshi amazi akoreshwa muri uru rugo ava hehe?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe muri ibi bikurikira:

1. Robine mu nzu
2. Robine mu rupangu
3. Robine rusange hanze y'urugo
4. Kano/iriba ritunganyijwe
5. Isoko/iriba ridatunganyije
6. Amazi y'imvura
7. Umugezi
8. Ikiyaga/ikinamba/amazi aretse
9. Ayandi (Kuyavuga).......................................................................

**Ikitonderwa:** Igihe urugo rukoresha amazi ava ahantu hatandukanye, umukarani w'ibarura aca akaziga ku mubare ujyanye n'aho bakunze kuyakura kenshi.

**H11: Ubwoko bw'umusarani**

***Ni ubuhe bwoko bw'umusarani abatuye muri uru rugo bakoresha?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe muri ibi bikurikira:

1. Umusarani urekura amazi
2. Umusarani usanzwe wihariwe n'urugo rumwe
3. Umusarani usanzwe rusange
4. Mu gisambu
5. Ahandi (kuhavuga)................................................................

**H12: Uburyo bwo kubonesha mu nzu.**

***Ni ubuhe buryo bw'ingenzi mukoresha mu kubonesha mu nzu?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe muri ibi bikurikira:

1. Amashanyarazi ya EWSA
2. Amashanyarazi y'izindi ngomero
3. Ingufu z'imirasire y'izuba
4. Moteri
5. Peteroli
6. Mazout
7. Biyogazi
8. Buji
9. Inkwi
10. Ubundi buryo

**H13: Uburyo bw'ingenzi bukoreshwa mu guteka.**

***Ni ubuhe buryo bw'ingenzi mukoresha mu guteka?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe muri ibi bikurikira:

1. Amashanyarazi
2. Gazi
3. Biyogazi
4. Peterori
5. Inkwi
6. Amakara
7. Ibyatsi / ibibabi
8. Ubundi buryo(kubuvuga)

**H14 : Rondereza.**

***Mwaba mufite rondereza muri uru rugo?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe muri ibi bikurikira:

1. Yego kandi irakoreshwa
2. Yego aliko ntikoreshwa
3. Oya

**H15 : Aho bamena ibishingwe/ imyanda**

***Mumena he ibishingwe byo muri uru rugo?***

1. Ingarane  hanze y'urugo
2. Puberi mu rugo
3. Puberi rusange
4. Mu gisambu
5. Mu murima
6. Mu mugezi/Ruhurura
7. Ahandi (kuhavuga)

**H16: Aho bamena amazi mabi**

***Amazi yakoreshejwe muri uru rugo muyamena he?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe muri ibi bikurikira:

1. Icyobo
2. Mu muferege
3. Ruhurura
4. Mu muhanda
5. Mu muyoboro wabugenewe
6. Mu cyobo cyabugenewe
7. Mu gisambu.
8. Ahandi (kuhavuga)

**H17-H25: Urugo rwanyu rufite ibikoresho bizima bikurikira bingahe?**

Andika umubare w'ibikoresho bizima ubwiwe mu kazu kabugenewe imbere ya buri gikoresho .

Urugero niba urugo rutunze radiyo 3 na televiziyo 2 n'amagare 10

| | |
|---|---|
| **H17** Radiyo | 3 |
| **H18** Televiziyo | 2 |
| **H23** Igare | 10 |

**H26: Gukoresha interneti**

***Haba hari umuntu wo muri uru rugo ujya ukoresha interineti?***

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe muri ibi bikurikira:

1. Yego
2. Oya

Niba ari Oya  komeza ku bibazo bya H28-H34

**H27: Ayikoreshereza he ?**

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'aho akoreshereza interineti,

| | | |
|---|---|---|
| Mu rugo | **1** | Andika igiteranyo cy'ibirango byujujwe |
| Ku biro / Ishuri | **2** | |
| Muri Cyber Cafe | **4** | |
| Ahandi | **8** | |

Niba akoresha interineti ahantu hatandukanye, ca akaziga ku mibare ijyanye n'aho azikoresha

Shyira mu tuzu igiteranyo cy'imibare yaciweho akaziga mu tuzu twabugenewe.

**Urugero:** umuntu ukoresha interineti mu rugo, akayikoreshereza no ku kazi

Igiteranyo

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| Mu rugo | 1 | {1+2} | 0 | 3 |
| Ku biro/Ishuli | 2 | → | | |

**H28-H34: Muri uru rugo mwaba mufite amatungo akurikira angahe?**

Andika umubare w'amatungo ubwiwe mu tuzu twabugenewe.

Urugero niba urugo rutunze inka 12 n'inkwavu 2

| | | | | |
|---|---|---|---|---|
| **H28a- Inkaz'inyarwanda** | **0** | **0** | **1** | **2** |
| **H32 Inkwavu** | **0** | **0** | **0** | **2** |

**H34 Ibindi binyamababa (kuyavuga):** niba hari andi matungo cyangwa se ibindi binyamababa byorowe mu rugo bitavuzwe aha, urayavuga, hanyuma wandike umubare wayo mu tuzu twabugenewe.

**H35 : Mu mezi 12 ashize(15/08/2011-15/08/2012), haba hari umuntu wo muri uru rugo wakoze ubuhinzi cyangwa watishije isambu ye?**

Ca akaziga ku mubare ujyanye n'igisubizo uhawe muri ibi bikurikira:

1. Yego, mu isambu ye
2. Yego, mu isambu yatishije
3. Oya, yarayatishije
4. Oya ntiyayatishije
5. Oya, nta sambu afite

Niba urangije igika H komeza ku gika M: Abapfuye

# IGIKA M: ABAPFUYE

### 5.3.6. IGIKA M: Abapfuye

***Andika amakuru y'abapfuye muri uru rugo mu mezi 12 ashize. Ntiwibagirwe abana.***

Abantu ntibakunze kuvuga abantu babo bapfuye. Muri iki gice umukarani w'ibarura asabwe gukorana ubwitonzi n'ikinyabupfura.

Umukarani w'ibarura abaza Nyir'urugo cyangwa umuhagarariye mu mwiherero niba hari abantu bo mu rugo rwe baba baritabye Imana mu mezi cumi n'abiri ashize. Niba ntawitabye Imana ikiganiro kirangirira aho,ukajya ku rugo rukurikira.

**Icyitonderwa:** Nubwo umuntu wapfuye nyuma y'ijoro ry' ibarura abarurwa nk'uwaharaye(PR) cyangwa uhaba ataharaye(AR), ntabarurwa mu bapfuye mu mezi 12 ashize.

**M1: Muri uru rugo rwanyu,haba hari abantu bitabye Imana mu mezi 12 ashize**

**(15/8/2011 – 15/8/2012)**

- Niba hari uwitabye Imana ca akaziga kuri **1**; maze ukomeze ku kibazo **M2**
- Niba ntawitabye Imana ca akaziga kuri **2** uhite ukomeza ku muntu ukurikira, niba ntawundi wapfuye rangiza ikiganiro, nta kintu wemerewe kwandika mu tuzu dukurikira.

**M2: Vuga igitsina, imyaka n' impamvu y'urupfu by'uwitabye Imana.**

Andika No y'abapfuye uhereye kuri 1 ugakomeza bitewe n'umubare wabo nkuko bigaragara mu tuzu dufite umutwe **"N° y'uwapfuye"**

**Igitsina:** Kuri buri muntu witabye Imana mu mezi 12 ashize, andika mu kazu umubare uhuye n'igitsina ubwiwe.

**Imyaka yapfuye afite:** Andika **000** mu tuzu twabugenewe, niba yarapfuye atarageza ku mwaka 1. Andika mu tuzu twabugenewe imyaka uwapfuye yarafite kuri buri muntu witabye Imana mu mezi 12 ashize.

**Impamvu yateye urupfu:** Andika mu kazu umubare ujyanye n'impamvu yateye urupfu ubazwa akubwiye muri izi mpamvu 6 zatanzwe: 1.Impanuka 2.Gukomereka 3.Ubwicanyi 4.Guhohoterwa 5. Kwiyahura 6. Indwara

**Icyitonderwa:**

1. Niba igisubizo ari kimwe muri ibi bikurikira :1,2,3,4 na 5, hita ubaza niba hari undi witabyimana, niba ntawe rangiza ikiganiro.
2. Niba igisubizo ari 6. (uburwayi) kandi uwapfuye ari umugore uri hagati y'imyaka 12 na 49, komeza ku bibazo bikurikira

**Impfu z'abagore bafite imyaka iri hagati ya 12 - 49**

*Niba hari umugore wapfuye azize impanuka; ubwicanyi; kwiyahura cg Indwara niyo yaba yari atwite hagarira aho, hanyuma ukomeze ubaza niba hari undi wapfuye muri urwo rugo, niba ntawe* rangiza ikiganiro, nta kintu wemerewe kwandika mu tuzu dukurikira.

***Yaba yarapfuye atwite?*** Niba ari **yego** hagararira aho hanyuma ubaze niba hari undi wapfuye muri urwo rugo niba ntawe rangiza ikiganiro, nta kintu wemerewe kwandika mu tuzu dukurikira.

Niba ari **oya** komeza ku bibazo bikurikira

NIBA URANGIJE IKI GIKA, BASHIMIRE MAZE URANGIZE IKIGANIRO.

# IMIGEREKA

# UMUGEREKA WA I: AMWE MU MATEKA Y'URWANDA (1865-2012)

**1865:** Rwabugiri yima ingoma

**1874:** Iboneka ry'icyezezi cy'umuriro, Rwakabyaza.

**1876:**

- (9-10/3) Bwana Stanley arara ku Kirwa cy'Ihema.
- (13/3) Bwana Stanley agerageza kwinjira mu Gisaka, ingabo ze zikaneshwa maze agahita yisubirira ikaragwe

**1884:** Ubwirakabiri

**1889:**

- Rwabugiri na Mwezi IV Gisabo w'U Burundi basinyira ko nta gihugu mu byabo byombi kizongera gutera ikindi (pacte de non-agression)
- MibambweIV Rutarindwa yimikwa i Ngeli.

**1890:** Inzara : "Muhatigicumuro" muri Butare (yari itaritwa Astrida).

**1891:** Igitero cyo ku Kidogoro: Muryamo n'ubushita.

**1892:**

- U Rwanda rwongera gutera mu Nkole n'ineshwa ry'Umwami Ntare wa Nkole. Ingaboz'u Rwanda zari ziyobowe n'umugaba wazo Nturo, uyu uzaba umutware wa Kabagari.
- Inka zanyazwe mu Ndorwa zikwirakwiza uburenge mu Rwanda.

**1893:** Umwaduko w'ubushita n'amavunja.

**1894:**

- Abadage: Von Götzen, Von Prittwitz na Dr Kersting binjira mu Rwanda banyuze ku Rusumo, bahurira i Rwamagana na Sharangabo umuhungu wa Rwabugiri.
- (25/9) : Abadage bakirwa na Rwabugiri i Kageyo mu Kingogo
- Igitero cyo mu Nkole kiyobowe na Nyamuhenda wa Kajeje. Ingabo z'u Rwanda zifata Mbarara zikayogoza na Nkole yose.

**1895:**

- Igitero cya nyuma cyo mu Bushi (Bunyabungo) cyari kigamije guhana Rutaganda wari warigometse.
- Itanga rya Rwabugiri ageze ku Kivu. Umugogo (Umurambo) we bawugarura i Nyamasheke Hashize iminsi itanu bawujyana i Rutare mu irimbi ry'Abami

**1896:**

- Lieutenant Standrart (Bwana Kabutura) yubaka ikigo cy'inkambi i Shangi. Ingabo z'umwami ziyobowe na shefu Bisangwa bya Rugombituri ziramutera ariko ziratsindwa bikomeye, Bisangwa nawe arahagwa. Nyuma y'iby'ubyumweru bikeya Bwana Kabutura ategekwa n'Abdage kuva i Shangi.
- Ababiligi bakambika i Nyamasheke.
- (12/1896): Byacikiye ku Rucunshu. Igice cy'ingabo gishyigikiye Musinga kigizwe na Kabare, Ruhinankiko na Rutarindwa cyicira Rutarindwa n'abe ku Rucunshu ku musozi wa Rukaza mu Marangara, abantu benshi barahashirira.

**1897/98:**

- Musinga na nyina Kanjogera bashaka umurwa wo guturaho. Bahitamo Rwamiko (Marangara), hanyuma Runda no ku Kamonyi (Rukoma) hanyuma I Gitwiko no ku Mukingo (Nduga) n'I Bweramvura (Kabagari).
- Capitaine Von Bethe wari ushinzwe District ya UJIJI (Buha, Rwanda, Burundi) asura I bwami I Gitwiko. Yari aherekejwe na Lieutenant Von Beringe na Oberlieutenant Von Grawert n'abasirikari benshi b'abirabura.
- Iyubakwa rya military Station I Bujumbura (Usumbura).

**1899:**

- Dr Richard Kandt (Bwana Kanayoge) agera I Shangi.
- Abapadiri ba mbere: Musenyeri Hirth, ba Padiri Brard na Barthelemy, na furere Anselme bagera I Bujumbura baherekejwe n'abaganda babafasha kwigisha gatisimu, bahageze Lieutenant Von Grawert abaha abantu bo kubatwaza imizigo n'abo kubaherekeza. Bagera I Shangi bahasanga bwana Kanayoge na Capitaine Von Bethe. Capitaine abaha ababaherekeza mu rugendo rwabo rugana I Nyanza.

**1900:**

- Abasoda b'ibihomora bitwa Abagufi bo mu ngabo za Dhanis banyura mu Rwanda kuva mu majyaruguru kugera mu majyepfo.
- (2/2): Musenyeri Hith asura Musinga I Nyanza.
- (8/2):  Ishingwa rya misiyoni gatolika y'I save mu Bwanamukari.
- (1/11): Padri Balthelemy na Classe bashinga misiyoni ya Zaza mu Gisaka.

**1901:**

- Lieutenant Von Grawert (bwana Digidigi) afungira I Bujumbura uwitwa Rukura wari warigometse mu Gisaka.
- Ishingwa rya misiyoni ya Nyundo mu Bugoyi.
- Abarabu n'abahinde ba mbere bagera I Nyanza.
- Umutware Mpubika wo mu gisaka atumizwa I Nyanza maze yahagera agafungwa n'abagaragu be bari bamuherekeje barahashirira. Mburamatare Von Beringe wa Bujumbura abimenye aca Musinga ihazabu y'inka 40. Ibyo bitangaza abantu cyane.

**1902/1903:**

- Inzara ya Ruyaga.
- Kabare ava mu Bugesera aho yari yaraciriwe muri 1897 akagaruka ku butegetsi I Nyanza amaze kwiganzura Ruhinankiko.
- Ishingwa rya za misiyoni ya Rwaza mu Mulera na Mibilizi mu Kinyaga.

**1904/1905:**

- Kabare anyaga ba Ruhinankiko na Kayijuka n'inshuti zabo.

**1906:**

- Uwahoze ari shefu Kayijuka bamutobora amaso I Nyanza ku itegeko ry'Umugabekazi Nyirayuhi Kanjogera.
- Ishingwa rya misiyoni gatolika ya Kabgayi mu Marangara.
- Ishingwa rya misiyoni y'abaporoso I Kilinda mu Nyantango.

**1907/1908:** Uburenge-Inzara "Kiramwaramwara" (Nyanza na Butare).

**1908:** Bwana Kanayoge ashinga umujyi wa Kigali mu Bwanacyambwe.

**1909:**

- Ishingwa rya misiyoni y'abaporoso I Rubengera mu Bwishaza.
- Ishingwa rya misiyoni ya Rulindo mu Buliza.
- Ishingwa rya misiyoni ya Murunda mu Kanage.
- Impuha zivuga ko Nyiragahumuza, umugirwa wa Nyabingi ifite kamere mu Ndorwa, agiye guteza imvururu mu gihugu cyose acyangisha Musinga. Lieutenant Gudowius (bwana Lazima) arabihosha.

**1910:**

- Padri Paulini Loupias (Rugigana) yicwa na Rukara hafi y'I Rwaza.
- Iboneka ry'icyezezi cy'umuriro, Nyakotsi.

- Ishingwa rya misiyoni gatolika ya Nyaruhengeri (Kansi) mu Mvejuru.
- Inama yabereye I Bruxelles isubira mu mipaka hagati ya Kongo mbiligi, Uganda na Ruanda-Urundi yari igizwe n'u Budage, Ubwongereza n'Ububiligi. Niyo mipaka iriho na n'ubu yatumye u Rwanda rutakaza u Bufumbira bwigiriye kuri Uganda , Bwishya, Gishari n'ikirwa cy'Ijwi byigira kuri Congo mbiligi.

**1911:**

- Ubushita mu Gisaka.
- (Werurwe): Umutware w'icyamamare Kabare apfira I Nyanza.
- Irangira ry'umwivumbagatanyo wa Nyiragahumuza wahoze ari umugore wa Rwabugiri. Ingabo ziyobowe n'umugaba wazo Nturo zitsindira Abagande I Rutobo. Nyiragahumuza afatwa akazanwa I nyanza.
- Intambara mu mulera no mu buberuka: Bwana lazima n'umutware Rwubusisi barwanaga na Ndungutse washakaga Ingoma abeshya ko ari umuhungu wa Rwabugiri afatanyije na rukara (uyu wari warishe padriri Loupias) n'umutwa Basebya. Ndungutse, agirango abadage batamumerera nabi, abaha rukara, nibwo bamwiciye mu ruhengeri. Bwana lazima na rwubusisi bakomeje kumugendaho nibwo ahungiye I bugande akahafungirwa. Basebya nawe agwa mu mutego yari yatezwe n'ingabo za rwubusisi.

**1912:** Pasitoro Roeseler ashinga Misiyoni y'abaporoso ya Remera muri Rukoma.

**1913:** Ishingwa rya misiyoni Gatolika ya Kigali mu Bwanacyambwe na rambura mu Bushiru.

**1914:** (Ukwakira): Abadage bafata ikirwa cy'ijwi.

**1915:** Ubutegetsi bw'abadage butegeka ka abapadiri b'Ababafaransa bava muri za misiyoni zo ku mipaka, bakaba mu zo mu gihugu hagati.

**1916:**

- Umwandiko w'Ababiligi.
- Ababiligi bambura abadage umujyi wa Kigali (Gicurasi)
- Abadage bategekwaga na capitaine Wintgens (bwana Tembasi) bava ku Gisenyi, banyura iya Nyanza bagana iya Bujumbura mbere yo guhunga bagana muri Tanganyika.
- Ubushita.

**1917/1918:** Inzara ya rumanura ("Rumanurimbaba")-Ishingwa rya Misiyoni ya Rwamagana mu Buganza(1917).

**1918/1919:** Icyorezo cya Mugiga.

**1918:** Indwara ya grippe Gisore – Ubushita mu Bugoyi.

**1919:**
- Muyaga
- Abateke bivumbagatanya
- Ishingwa rya misiyoni y'abadivantiste I gitwe mu kabagali.

**1920:**
- Ministry Frank asura u Rwanda agahurira na Musinga I Nyanza.
- Icyorezo cya grippe Muyegu n'ubushita mu Kanage

**1920/1921:** Iragara.

**1922:**
- (22/3): I Gisaka gihabwa Abongereza.
- (31/12): I Gisaka kigarukira u Rwanda.

**1924/1925:** Inzara ya Gakwege ( muri Byumba yitwaga Ntunyanjweho).

**1925:**
- Igikomangoma Leopold kigera I Musaho (ku kibuye) kikahakiririrwa na rezida mortehan n'administrateur Montenez gisura misiyoni ya Rubengera iherutse gusubiranwa na pasitoro Durand, gihurira na Musinga I Nyabitare, bukaba bwari ubwa mbere Musinga ava mu murwa wa Nyanza. Igikomangoma Leopold (uyu uzaba Leopold III w'u Bubiligi) kijya I Kabgayi kihava cyambuka gisubira I musaho.
- Ishingwa rya church missionary society (CMS) I Gahini mu buganza.

**1926:** Rezida Mortehan avugurura ubutegetsi bw'u Rwanda agashyiraho umutegetsi umwe rukumbi witwa umutware (chef de chefferie).

**1928:** Ndorwa yose ihaguruka igafasha Ndungutse wabeshyaga ko ari umuhungu wa Rutalindwa. Intambara I kaniga mu ndorwa ya byumba hagati y'abasirikari b'ababiligi n'ingabo za semaraso.
1928/1929: Inzara ya Rwakayihura yatangiriye mu bwatsi bwa Kayihura mu Rukiga.

**1929:**
- Umwami Mwambutsa IV w'u Burundi ahurira na Musinga Astrida
- Cyitabire akubitirwa n'inkuba Astrida.

- Ishingwa ry'ishuri bitaga "Shariti" I butare ari ryo rizahinduka Groupe scolaire y'I Butare.

**1930:**
- Yuhi Musinga yambuka Nyabarongo yitabye Mburamatare Postiau I Kigali. Bitangaza abantu cyane kuko cyaziraga ku bami b'izina rya Yuhi kwambuka imigezi ikikije umurwa wabo wa Nyanza.
- Ubuhinzi bw'ibirayi busakara mu Rwanda (bwari bwarageze muri Misiyoni ya Rwaza muri 1903).

**1931:**
- Inzige zitera zikamara imyaka.
- (16/11): Mutara III Rudahigwa asimbura ku ngoma ise Yuhi IV Musinga wari umaze kwirukanwa n'ababiligi ku ngoma maze agacirirwa I kamembe no muri Congo mbiligi.

**1932:** Rudahigwa arongora Nyiramakomari.

**1933:**
- Urupfu rwa Nyirayuhi Kanjogera nyina wa Musinga (I Kamembe).
- Ubwa kabiri igikomangoma Leopold gisura u Rwanda, cyari giherekejwe n'igikomangomakazi Astrid.

**1934:**
- Muryamo mu nka zo mu Rwanda hose.
- Indege ya mbere igwa I Kanombe (Kigali).

**1935/1936:**
- Mugiga mu gihugu cyose.
- Seminari nkuru ya Nyakibanda mu Nyaruguru ifungurwa.

**1936:** Uburenge n'amashyuya mu Ruhengeri.

**1939:** Ishingwa rya kiliziya y'ababatista I Runyombyi mu Buyenzi.

**1940:** Intambara y'isi yose. Mu Rwanda Hitler bamwitaga HITIMANA naho abadage bakabita ABADAHA kubera ko ababiligi bari barabujije kuvuga ayo mazina.

**1942:**
- Umwami Mutara III Rudahigwa abatizwa akanasezerana na Rosaliya Gicanda mu

Kiliziya I Nyanza.
- Ikiraro kuri Nyabarongo kigwa kuri km ya 13 uturutse I Kigali.

**1943/1944:**
- Ishingwa rya Kiliziya y'abamethodiste I Kibogora mu Cyesha.
- Inzara ikomeye mu Rwanda hose bitewe n'imvura yabuze. Iyo nzara henshi bayitaga RUZAGAYURA. Muri Byumba ikitwa MATEMANE. Bakayita GAHORO muri Gisenyi na Kibuye naho mu Ruhengeri bakayita RUDAKANGIMISHANANA.

**1944:**
- Icyorezo cy'indwara y'inka muri Gisenyi na Cyangugu bitewe no gukoresha urukingo rubi.
- Imvura ihagije mu Rwanda hose.

**1945:** Urupfu rwa Musenyeri Clasee (uyu wari warategetse kiliziya y'u Rwanda mu buryo bukarishye kuva muri 1922) I Bujumbura. Ubwo yasimbuwe na Musenyeri Depromoz ku ntebe y'I kabgayi.

**1945/1946:** Ibihara na macinya muri Gisenyi no mu ruhengeri.

**1946:** Umwami Mutara III Rudahigwa yegurira u Rwanda Kristu-Umwami I Nyanza.

**1948:** Intumwa za ONU zisura u Rwanda bwa mbere.

**1949:** Urugendo rw'Umwami Rudahigwa mu bubiligi.

**1950:** (15/8): Yubile ya Kiliziya Gatolika y'imyaka 50.

**1952:** (1/6): Umusenyeri wa mbere w'umwirabura muri Afrika mbiligi. Musenyeri Aloys Bigirumwami ahabwa ubwepiskopi I Kabgayi akagabana Vikariyati ya Nyundo mu bugoyi.

**1953:** (1/2): Isubizwaho rya teritwari ya kibuye.

**1954:**
- Gucika kwa shefu Stefano Gitefano watwaraga u bwanacyambwe.
- (1/4): Iteka ry'umwami Mutara III Rudahigwa rica ubuhake mu Rwanda hose.

**1955:** (15/7): Umwami Baudouin I w'u Bubiligi agenderera ku mugaragaro u Rwanda bwa mbere.

**1956:**

- (25/3): Musenyeri Andreya Perraudin asimbura musenyeri deprimoz ku ntebe y'I Kabgayi.
- (30/9): Itora rya mbere ry'abjyanama b'imirenge.

**1957:**

- (Werurwe): "Mnifest des Bahutu".
- Yubile y'Umwami y'imyaka 25 amaze ku ngoma (I Nyanza).
- (3/10): Ifungurwa rya college ya Christ-Roi I Nyanza. Yari imaze umwaka itangiriye mu nyakibanda.

**1958:** Umwami Rudahigwa ajya I Bruxelles mu bubiligi mu imurika ry'ibintu by'isi yose.

**1959:**

- (25/7): Itanga ry'Umwami Mutara III Rudahigwa I Bujumbura.
- (28/7): Kigeli V Ndahindurwa asimbura umwami Rudahigwa ku Ngoma I Nyanza.
- (3/9): Ishingwa ry'ishyaka UNAR I Kigali, rihabwa François Rukeba kuriyobora.
- (14/9): Ishingwa ry'ishyaka RADER I Kigali, ryari riyobowe na Prosper Bwanakweli.
- (9/10): Ishingwa ry'ishyaka PARMEHUTU I Gitarama, ryari riyobowe na Gregoire Kayibanda.
- (1/11): Imyivumbagatanyo n'intambara z'amoko n'amashyaka mu Rwanda hose.

**1960:**

- (Werurwe): Intumwa za ONU mu Rwanda.
- (26/6): itorwa ry'abajyanama ba za komini nshya.
- (26/10): Ishyirwaho rya Leta ya mbere y"agateganyo.

(28/01):

- Coup d'Etat y'I Gitarama. Dominiko Mbonyumutwa aba Prezida.
- Ishingwa rya Diyoseze ya Ruhengeri iyobowe na musenyeri Manyurane Bernard.
- Ishingwa rya diyoseze gatolika ya Butare iyobowe na Musenyeri Gahamanyi Jean Baptiste.
- (25/9): Referendum-Kamarampaka. Kigali n'Ubwami bibura amajwi. Hajyaho ubutegetsi bushingiye kuri Repubulika.
- (26/10): Kayibanda Gregoire atorerwa kuba prezida wa republika n'inteko nkuru.
- (21/12): U Rwanda rubona ubwigenge bucagase (Autonomie interne).

**1962:**

- (01/07): U Rwanda rusubirana Independence yarwo.
- (Nyakanga-Kanama):
    1. Astride yongera kuba Butare.

2. Nyanza ihinduka Nyabisindu.
3. Ishyirwaho rya Prefegitura ya Gikongoro.
4. Amakomini ava kuri 227 akagera kuri 141.

**1963:**

- (18/8): Itora rya mbere rya ba bourgumertre b'amakomini.
- (3/11): Ikingura rya universite y'u Rwanda I butare.
- (Ukuboza): Igitero gikomeye cy'inyenzi mu bugesera.

**1965:** (Nzeli): Itora ry'abadepite bwa mbere ku buryo butaziguye.

**1966:** Igitero cy'Inyenzi mu buyenzi (Kivu na Nshili).

**1967:** (Nzeli): Itorwa rya kabiri rya ba Bourgmestre.

**1968:** (5/9): Ishingwa rya diyoseze gatolika ya Kibungo iyobowe na Musenyari Sibomana

**1969:**

- Intambara mu ntara ya cyangugu na Bukavu. Yari itewe n'abacanshuro ba Colonel Schrame muri Congo.
- (Nzeli): Itora rya kabiri ry'abadepite.

**1972/73:** Imvururu n'ibindi bikorwa bibi mu gihugu cyose. Byatangiriye mu mashuri no mu biro kandi bishingiye ku moko. Byatumye habaho impunzi nyinshi zo mu bwoko bw'Abatutsi bahungiye mu bihugu duturanye.

**1973:** (5/7): Coup d'Etat ikozwe n'ingabo z'u Rwanda. General Major Juvenal habyarimana aba prezida wa republika. Itangira rya republika ya II.

**1974:** Umwaka w'ubuhinzi-Itangizwa ry'UMUGANDA bwa mbere.

**1975:** Umwaka wo kongera umusaruro. Ishyirwaho ry'umunsi w'Igiti.

**1976:** Umwaka wa Muvoma (Muvoma yari imaze kujyaho nk'ishyaka rimwe rukumbi).

**1977:** Umwaka wo gutura heza kandi neza.

**1978:**

- Umwaka w'ubworozi.
- (16-31/8): Ibarurua rusange rya mbere ry'abaturage n'imiturire yabo.

- (Ukuboza): Itorwa rya Juvenal  Habyalimana ku buprezida bwa republika.

**1979:** Umwaka w'uburezi-Ivugurura (reforme) rikomeye ry'amashuri abanza akamara imyaka 8; amashuri y'ingoboka na za CERAI ajyaho.

**1980:**
- Umwaka wo gufata neza ubutaka no kurwanya isuri.
- Icyorezo cy'amataragiti asebya Habyarimana na bamwe mu bategetsi be. Abntu benshi bagana za gereza abandi bacika mu gihugu.

**1980/81:** Kaminuza y'u Rwanda ikingura ikindi kigo (Campus) I Nyakinama mu Ruhengeri.

**1981:** (Ukuboza) : Itorwa ry'abadepite bwa mbere kuva muri 1969.

**1982:** Umwaka wo gufata neza ubutaka.

**1983:**
- Umwaka wo gutera amashyamba.
- Amatora ya Prezida n'abadepite (Ukuboza).

**1984:** Umwaka wo kongera umusaruro w'ibihingwa ngandurarugo.

**1985:**
- (26/12): Urupfu rw'Umunyamerikakazi Diane Fossey NYIRAMACIBIRI wari waritangiye ingagi zo mu birunga Karisimbi na Bisoke.
- Amapfa mu majyepfo y'igihugu (Butare, Gikongoro); abantu benshi basuhukira mu Mayaga, mu Bugesera ndetse no muri Tanzaniya.

**1986:**
- Umwaka w'ubuhinzi n'ubworozi bwa kijyambere.
- Umusaruro w'ibirayi uba mwinshi cyane mu Ruhengeri na Gisenyi maze ibiciro bikagwa ku buryo budasanzwe.
- (29-31/10): Prezida Yoweli Museveni wa Uganda asura u Rwanda bwa mbere ku mugaragaro.
- Abaganga bo muri CHK I Kigali batangaza bwa mbere ibyerekeya indwara ya SIDA, bakanavugako hari n'abo imaze guhitana, Ministri Muganza arabibeshyuza.

**1987:** (1/7): Itahwa ry'uruganda rw'ibigori ku Mukamira (Nkuli-Ruhengeri).

**1988:**

- Musenyeri Tadeyo Nsengiyumva asimbura Musenyeri Andreya Perraudin ku ntebe y'I Kabgayi.
- (Gicurasi): Imvura nyinshi mu gihugu n'inkangu mu Ruhengeri. Nibwo ijambo "kugendesha" ryadutse rivuzwe n'umugabo witwa Gaspard AYURUVUGO.
- (Kanama): Impunzi ibihumbi 58 zigera mu Rwanda kubera imirwano yo muri Ntega na Marangara mu Burundi.
- (Ukuboza): Itora rya nyuma rya Prezida wa Republika n'iry'abadepite ba Republika ya II.

**1989:** (Kanama): Ivanwaho n'icyo bitaga "Animasiyo" hamwe n'umuganda w'abagore cyangwa w'agahato.

**1990:**

- (Kanama): Muvoma (MRND) itekereza kwivugurura hakajyaho"MRND nouvelle formule".
- (Ukwakira): Igitero cy'ingabo za FPR-Inkotanyi. Cyari giturutse muri Uganda maze intambara muri Byumba n'igice cya Kibungo iba yose.
- (Ukwakira): General-Major Fred Gisa Rwigema, umugaba mukuru w'Inkotanyi ahura n'urupfu ku rugamba. Byabereye mu Mutara.

**1991:**

- Prezida Habyarimana Juvenal yemera amashyaka menshi mu Rwanda.
- (16-31/8): Ibarura rusange rya kabiri ry'Abaturarwanda n'Imiyurire yabo mu Rwanda.

**1992:** (Mata): Guverinoma ihuriweho n'amashyaka menshi ijyaho. Yari iyobowe na Dr Nsengiyaremye Dismas wo mu ishyaka rya MDR.

**1993:**

- Intambara irakomeza hagati mu gihugu cyane cyane muri Ruhengeri na Byumba.
- Ishyirwaho ry a guverinoma iyobowe na madamu Uwilingiyimana Agathe wo mu ishyaka rya MDR.
- Amasezerano ya Arusha hagati ya guverinoma n'umutwe FPR-Inkotanyi.

**1994:**

- (6/4): Ihanurwa ry'indege yari itwaye prezida Habyalimana maze akayigwamo n'abandi bategetsi.
- Genocide yakorewe abatutsi hose mu gihugu.
- (4/7): Ibohorwa ry'umurwa mukuru (Kigali) n'ingabo za FPR-Inkotanyi.

- (19/7): Ishyirwaho ku mugaragaro rya guverinoma y’ubumwe bw’abanyarwanda iyobowe na bwana Fawusitini Twagiramungu. Naho prezida wa republika aba Pasteri Bizimungu, Vice-Prezida: Paulo Kagame.

**1995:** Ishyirwaho rya Guverinoma iyobowe na Ministiri w’intebe Rwigema Petero Selestini.

**1996:** (Ugushyingo): Itahuka ry’impunzi zo muri 1994.

**2000:**

- (23/3): Kwegura kwa Prezida wa Republika Pasteri Bizimungu.
- (22/4): Irahira rya Prezida wa Republika General Major Paul Kagame.

**2001:** Amakomini 141 ahinduka uturere 106

**2002:** (16-30/8): Ibarura Rusange rya Gatatu ry’Abaturage n’imiturire yabo mu Rwanda.

**2003:** (kamena) : Amatora y’itegeko nshinga
(Kanama) : Amatora ya Perezida wa Repubulika
(Nzeri) : Amatora y’abadepite n’abasenateri

**2006:** Umubare w’uturere uva 106 ajya kuri 30

**2008:** Amatora y’abadepite
Umutingito usenya amazu menshi mu karere ka Rusizi na Nyamasheke

**2010:** (Nyakanga): Kwinjira ku Rwanda mu muryango w’ibihugu by’iburasirazuba by’Afurika
(Kanama): Amatora ya Perezida wa Repubulika

# UMUGEREKA WA II: AMAFISHI

## IFISHI Y’IBIKORESHO BY’UMUKARANI W’IBARURA

**INTARA :....................................** **AKARERE : ................................**

**Umurenge:................................** **Akagali :..................................**

**N° y’agapande k’Ibarura (EA) : ……......................**

| N° (1) | Ubwoko bw’ibikoresho (2) | Umubare wakiriwe | | Umubare w’ibyasubijwe (5) | Icyitonderwa (6) |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Ubwa mbere (3) | Ubwa kabiri (4) | | |
| 1. | Ikarita y’umukarani w’Ibarura | ................ | ................ | ................ | |
| 2. | Urutonde rw’ibibazwa | ................ | ................ | ................ | |
| 3. | Urwandiko rusaba kubonana n’ababa mu rugo | ................ | ................ | ................ | |
| 4. | Agatabo k’amabwiriza y’umukarani w’Ibarura | ................ | ................ | ................ | |
| 5. | Agatabo k’agapande k’Ibarura | ................ | ................ | ................ | |
| 6. | Ikarita y’agapande k’Ibarura | ................ | ................ | ................ | |
| 7. | Ifishi y‘imigendekere ya buri munsi y‘Ibarura | ................ | ................ | ................ | |
| 8. | Ikaramu y’igiti | ................ | ................ | ................ | |
| 9. | Ikaramu y‘ubururu | ................ | ................ | ................ | |
| 10. | Marikeri (Marqueur) | ................ | ................ | ................ | |
| 11. | Gomme | ................ | ................ | ................ | |
| 12. | Agasongora-karamu | ................ | ................ | ................ | |
| 13. | Ingwa | ................ | ................ | ................ | |
| 14. | Ikaye | ................ | ................ | ................ | |
| 15. | Umupira wo kwambara | ................ | ................ | ................ | |
| 16. | Uruhago rushyirwamo urutonde rw’ibibazwa | ................ | ................ | ................ | |
| 17. | Ifishi ifasha kwakira no gusubiza ibikoresho | ................ | ................ | ................ | |
| 18. | Uruhago rw’ibikoresho | ................ | ................ | ................ | |
| 19. | Igare (ku bakarani bazakorera ahantu ingo zitegeranye) | ................ | ................ | ................ | |

**UMUGENZUZI W’UDUPANDE TW’IBARURA**

Nakiriye ibikoresho by’umukarani biri kuri (5)

Izina : .......................................................

Umukono : ................................................

Itariki : ......................................................

**UMUKARANI W’IBARURA**

Nakiriye ibikoresho mpawe n’Umugenzuzi

biri muri (3) na (4)

Izina : ..............................................................

Umukono : ......................................................

Itariki : ............................................................

## IFISHI Y'IBIKORESHO BYAKIRIWE N'UMUGENZUZI W'UDUPANDE TW''IBARURA

**INTARA :.....................................** **AKARERE : .................................**
**Umurenge:.................................** **Akagali :...................................**
**N° z'udupande tw'Ibarura (EA) : ....../...../...../...../......**

| N° (1) | Ubwoko bw'ibikoresho (2) | Umubare wakiriwe | | Umubare w'ibyasubijwe (5) | Icyitonderwa (6) |
|---|---|---|---|---|---|
| | | Ubwa mbere (3) | Ubwa kabiri (4) | | |
| 1. | Ikarita y'umukarani w'Ibarura | ............ | ............ | ............ | |
| 2. | Urutonde rw'ibibazwa | ............ | ............ | ............ | |
